Pursuant to the State Finance Law or decision of the Council determining the budget of a Decentralized entity, withdrawal from the Consolidated Fund shall be performed:

1º if there is any amount to be paid with respect to compulsory/statutory charges;

2º if there is a reimbursement arising from moneys incorrectly deposited into the Consolidated Fund or which is not due to be paid into such a Consolidated Fund.

The Minister or the Chairperson of the Executive Committee of the decentralized entity may, respectively, in case of any reason related to financial exigencies, suspend

décentralisée.

**<u>Article 10:</u> Retrait des fonds du fonds consolidé**

Tout retrait du fonds consolidé de l'administration centrale ou d'une entité décentralisée est interdit, sauf sur autorisation écrite délivrée respectivement par le Ministre ou par le Président du Comité Exécutif de l'entité décentralisée ou leurs délégués.

Conformément à la loi des finances ou à la décision du Conseil fixant le budget d'une entité décentralisée, le retrait du fonds consolidé est effectué :

1º sous forme d'imputations directes pour des décaissements obligatoires;

2º à titre de restitution de fonds déposés par erreur ou qui ne sont pas destinés au fonds consolidé.

Le Ministre ou le Président du Comité Exécutif de l'entité décentralisée peut, respectivement, dans le cas d'une raison liée à des exigences financières, suspendre le retrait

guhagarika kubikuza amafaranga cyangwa kubuza itangwa ry'uruhushya rwo kwishyura, keretse hari uruhushya rwatanzwe n'itegeko ku myishyurire itegetswe.

**UMUTWE WA II: UBUBASHA N'INSHINGANO MU MICUNGIRE Y'IMARI YA LETA**

**Ingingo ya 11: Ububasha bwo kwemeza ingengo y'imari ya Leta**

Umutwe w'Abadepite n'Inama Njyanama z'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze mu bubasha bwabyo ni zo nzego zonyine zifite ububasha bwo kwemeza ingengo y'imari ya buri mwaka no kuyivugurura. Mbere y'uko ingengo y'imari ya buri mwaka yemezwa, abagize Umutwe w'Abadepite n'abagize Inama Njyanama y'urwego rw'ibanze basuzuma kandi bagatanga ibitekerezo ku mbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya Leta.

Uburyo bwo kwemeza ingengo y'imari y'ubutegetsi bwite bwa Leta bukurikiza ingingo ya 79 n'iya 80 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu n'ingingo z'iri tegeko ngenga. Uburyo bwo kwemeza ingengo y'imari y'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze bugenwa n'amabwiriza yemezwa n'Inama Njyanama yazo hubahirijwe amahame yerekeye imicungire y'imari ya Leta ari muri iri tegeko ngenga, amategeko yihariye yashyizeho izo nzego z'ibanze n'imirongo

withdrawal, or prohibit authorization to payment, except for authorization granted by law on compulsory/statutory payments.

**CHAPTER II: POWERS AND RESPONSIBILITIES IN PUBLIC FINANCE MANAGEMENT**

**Article 11: Powers to adopt the budget**

The Chamber of Deputies and the Councils of the decentralized entities, in their respective capacity sall be the only organs with powers to adopt the annual budget and its revision. Prior to the adoption of the annual budget, members of the Chamber of Deputies and members of the Decentralized entity Council shall consider and provide comments on the Budget Framework Paper.

The procedure for adoption of Central Government budget shall comply with Articles 79 and 80 of the Constituion of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date and the provisions of this Organic Law. The procedure for approval of local administrative entities budget shall be determined by instructions adopted by their respective Councils in conformity with principles included in this Organic Law, specific laws establishing such entities and the general guidelines issued by the Minister.

ou interdire l'autorisation de paiement, sauf autorisation accordée par la loi sur les paiements obligatoires.

**CHAPTER II: POUVOIRS ET RESPONSABILITÉS DANS LA GESTION DES FINANCES PUBLIQUES**

**Article 11: Pouvoir d'adopter le budget**

La Chambre des Députés et les Conseils des entités décentralisées, dans leur compétence respective, sont les seuls organes dotés de pouvoirs d'adopter le budget annuel et de sa révision. Avant l'adoption du budget annuel, la Chambre des Députés et le Conseil de l'entité décentralisée examinent et donnent des commentaires sur le document-cadre du budget.

La procédure d'adoption du budget de l'administration centrale se fait conformément aux articles 79 et 80 de la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour et aux dispositions de la présente loi organique. La procédure d'adoption du budget des entités administratives décentralisées est déterminée par les instructions adoptées par leurs Conseils respectifs en conformité avec les principes contenus dans la présente loi organique, les lois spécifiques établissant ces entités et les

ngenderwaho rusange itangwa na Minisitiri.
Umutwe w'Abadepite, hakurikije ibivugwa mu ngingo ya 90 n'iya 91 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu n'Inama Njyanama y'Urwego rw'Ibanze, buri rwego mu birureba, rufite ububasha bwo kuvugurura ingengo y'imari rudahinduye ikinyuranyo cy'ingengo y'imari. Abagize izo nzego bagomba kureba ko ibyasabwe guhindurwa byagabanya amafaranga ya Leta asohoka cyangwa yinjira bakanagaragaza uburyo bizakorwa.

Umutwe w'Abadepite ufite ububasha bwo gusaba abagize Inama y'Abaminisitiri n'abayobozi bakuru bashinzwe gucunga imari ya Leta kuwitaba kugira ngo basobanure politiki, gahunda n'imikoreshereze y'ingengo y'imari yabo.

Inama Njyanama y'urwego rw'ibanze ifite ububasha bwo guhamagaza abagize Komite Nyobozi n'umuyobozi mukuru ushinzwe gucunga imari ya Leta kuyitaba no gusobanura politiki, gahunda n'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'urwo rwego rw'ibanze.

Ku birebana n'inzego zigenerwa igice cy'ingengo y'imari mu ngengo y'imari ya Leta, ingengo y'imari yazo y'umwaka kandi zavuguruwe zemezwa n'inzego zazo zibifitiye ububasha. Igiteranyo cy'ingengo y'imari y'izo nzego kigomba kubamo amafaranga akomoka muri Leta.

The Chamber of Deputies, pursuant to the provisions of Articles 90 and 91 of the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date and the Council of the decentralized entity shall have powers to revise the respective proposed budgets without altering the fiscal balance. Members of those entities shall ensure that the proposed amendments have the potential to reduce State revenue or expenditure and shall indicate proposals for the reduction.

The Chamber of Deputies shall have the authority to require members of Cabinet and chief budget managers to appear before it and explain policies, programs and utilization of their budget.

The Council of the decentralized entity shall have the authority to require members of the Executive Committee and chief budget manager to appear before it and explain policies, programs and utilization of the budget of the concerned decentralized entity.

With respect to the extra-budget entities, the annual and revised budgets shall be approved by their competent organs. The total budget of such entities shall include transfers from Central Government.

orientations définies par le Ministre.
La Chambre des Députés, conformément aux dispositions des articles 90 et 91 de la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour et le Conseil de l'Entité décentralisée ont le pouvoir de réviser les propositions de budgets respectives sans modifier le solde budgétaire. Les membres de ces entités veillent à ce que les modifications proposées soient susceptibles de réduire les recettes ou les dépenses de l'État et doivent indiquer des propositions de réduction.

La Chambre des Députés a le pouvoir d'exiger les membres du Conseil des Ministres et les gestionnaires principaux du budget à comparaître devant elle pour expliquer les politiques, les programmes et l'utilisation de leur budget.

Le Conseil de l'entité décentralisée a le pouvoir d'exiger les membres du Comité Exécutif et le gestionnaire principal du budget de comparaître devant lui et d'expliquer les politiques, les programmes et l'utilisation du budget de cette entité décentralisée.

En ce qui concerne les entités extra budgétaires, leurs budgets annuels et budgets révisés doivent être approuvés par leurs organes compétents. Le budget total de ces entités comprend les transferts de l'administration centrale.

Ku bijyanye n'ibigo bya Leta, inzego zabyo zibifitiye ububasha zemeza ingengo y'imari ya buri mwaka hamwe n'ivuguruye.

**Ingingo ya 12: Inshingano z'Inama y'Abaminisitiri**

Inama y'Abaminisitiri ifite inshingano zikurikira:

1º kwemeza intego n'ingamba zisesuye za Leta n'ibigomba kwitabwaho mbere y'ibindi muri politiki y'ingengo y'imari ku mwaka w'ingengo y'imari ukurikira no ku myaka ibiri ikurikiranye nyuma y'umwaka urebwa n'ingengo y'imari nk'uko bigaragara mu mbanzirizamushinga y'ingengo y'imari;

2º kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari cyane cyane intego z'amafaranga yose yinjira, amafaranga yose asohoka, ikinyuranyo ku ngengo y'imari n'igice cy'umwenda Leta igomba kwishyura;

3º ibisabwe na Minisitiri, kwemeza amabwiriza asobanura imirimo n'inshingano by'abayobozi bakuru bashinzwe gucunga imari ya Leta n'ibindi byongera imicungire myiza y'imari ya Leta;

4º kwemeza umushinga w'itegeko rigena

The annual and revised budgets of public institutions shall be approved by their competent organs.

**Article 12: Responsibilities of the Cabinet**

The Cabinet shall be responsible for the following:

1º to approve the Government's broad strategic objectives and priorities for budgetary policies for the next fiscal year and for the next two successive years after the relevant fiscal year as outlined in the Budget Framework Paper;

2º to approve the Budget Framework Paper, especially the targets for aggregate revenues, aggregate expenditures, fiscal balance and part of public debt the State is obliged to pay;

3º upon request by the Minister, to approve regulations that define duties and responsibilities of chief budget managers and other matters that enhance sound management of public finance;

4º to approve the annual finance bill

En ce qui concerne les établissements publics, leurs organes compétents approuvent le budget annuel et le budget révisé.

**Article 12: Attributions du Conseil des Ministres**

Les attributions du Conseil des Ministres sont les suivantes:

1º approuver des larges objectifs stratégiques et des priorités du Gouvernement pour les politiques budgétaires relatives au prochain exercice budgétaire et pour les deux prochaines années successives après l'exercice budgétaire concerné tel que spécifié dans le document-cadre du budget;

2º approuver le document-cadre budgétaire, notamment les objectifs de recettes globales, de dépenses globales, le solde budgétaire et une partie de la dette publique que l'Etat doit payer;

3º sur proposition du Ministre, approuver les règlements qui définissent les devoirs et les attributions des gestionnaires principaux du budget et d'autres éléments qui améliorent la gestion saine des finances publiques;

4º approuver le projet de loi de finances

ingengo y'imari ya Leta ya buri mwaka utegurwa na Minisitiri;

5º kwemeza uburyo bwo guha inkunga inzego z'ibanze;

6º gusuzuma no kwemeza raporo y'igihembwe ihujwe yerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari ya Leta yateguwe na Minisitiri;

7º gusuzuma no kwemeza raporo y'imari ya Leta y'umwaka ubanziriza uw'ingengo y'imari yahujwe na raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari ya Leta yateguwe na Minisitiri.

**<u>Ingingo ya 13</u>: Inshingano za Minisitiri**

Minisitiri afite inshingano zikurikira:

1º gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda y'ubukungu rusange n'ingengo y'imari ya Leta;

2º kugira inama Guverinoma kuri politiki y'ingengo y'imari kugira ngo intego n'ingamba bigamijwe ku rwego rw'Igihugu bishobore kugerwaho;

3º guteza imbere imicungire ihamye y'imari ya Leta, amahame n'imigirire mu gukoresha amafaranga ya Leta;

prepared by the Minister;

5º to approve the formula for allocation of grants to decentralized entities;

6º to consider and adopt consolidated quarterly budget execution report prepared by the Minister;

7º to consider and adopt the report of the State Finances of the year preceding the year of the consolidated budget as well as the budget execution report prepared by the Minister.

**<u>Article 13:</u> Responsibilities of the Minister**

The Minister shall have the following responsibilities:

1º to prepare and implement the macroeconomic and fiscal framework;

2º to advise the Government on the budgetary policies to attain national objectives and targets;

3º to promote sound public finance management, principles and practices in the use of public funds;

annuelle élaboré par le Ministre;

5º approuver la formule d'attribution de subventions aux entités décentralisées;

6º examiner et adopter le rapport trimestriel consolidé d'exécution du budget préparé par le Ministre;

7º examiner et adopter les rapports financiers de l'année précédant l'année du budget consolidé ainsi que le rapport d'exécution du budget préparé par le Ministre.

**<u>Article 13</u>: Attributions du Ministre**

Les attributions du Ministre sont les suivantes:

1º préparer et mettre en œuvre le cadre macroéconomique et budgétaire ;

2º conseiller le Gouvernement sur les politiques budgétaires à adopter pour la réalisation des objectifs et stratégies nationaux;

3º promouvoir une gestion saine des finances publiques, des principes et pratiques dans l'utilisation des fonds publics;

4º kugena igihe, uburyo raporo zikorwa n'ibikubiye muri za raporo zigomba gutegurwa n'inzego za Leta;

5º ashingiye ku mutungo uhari, kwita ku micungire nyayo y'amafaranga ahari kugira ngo hubahirizwe mu buryo buringaniye ibisabwa gutangwa byerekeye ingengo y'imari y'inzego zose za Leta;

6º guhuza, kugenzura no gukurikirana imicungire y'imari ya Leta, umutungo n'imyenda harimo impano n'inguzanyo;

7º guteza imbere no gushimangira gukorera mu mucyo no kugaragaza uko ikoreshwa ry'amafaranga ya Leta ryagenze harimo gutangaza za raporo nk'uko biteganywa mu ngingo ya 63, iya 64, iya 65 n'iya 66 z'iri tegeko ngenga;

8º kureba niba igenzura bwite mu bigo rikorwa, kumenya no gukurikirana ibyateza ingorane mu micungire n'imikorere y'ubugenzuzi bw'imbere no gukorana n'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta igihe bibaye ngombwa;

9º gukurikirana ko hashyirwaho Komite y'ubugenzuzi mu nzego za Leta no

4º to prescribe the frequency, format and content of the reports to be prepared by public entities;

5º to ensure, within the resources available, efficient cash management to equitably meet the budgetary spending requirements of all public entities;

6º to coordinate, supervise and monitor the management of Government financial and physical assets and liabilities, including donations and loans;

7º to promote and enforce transparency and accountability in use of public funds, including the publication of reports as defined in Articles 63, 64, 65 and 66 of this Organic Law;

8º to ensure the adequacy of internal audit, to know and monitor risks related to management and internal audit arrangements, and collaborate with the Office of the Auditor General of State Finances, when considered necessary;

9º to monitor the establishment of audit committees in public entities, and

4º prescrire la fréquence, le canevas et le contenu des rapports qui doivent être préparés par des entités publiques;

5º assurer, compte tenu des ressources disponibles, la gestion efficace de la trésorerie afin de satisfaire équitablement les besoins de dépenses budgétaires de toutes les entités publiques;

6º coordonner, superviser et assurer le suivi de la gestion des finances, patrimoine et engagements financiers de l'Etat, y compris les subventions et les prêts;

7º promouvoir et renforcer la transparence et la reddition des comptes dans l'utilisation des fonds publics, y compris la publication de rapports tels que définis dans les articles 63, 64, 65 et 66 de la présente loi organique;

8º s'assurer de l'efficacité de l'audit interne, connaître et faire le suivi des risques relatifs aux méchanismes de gestion et d'audit interne et collaborer avec l'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat le cas échéant;

9º faire le suivi de l'établissement de comités d'audit dans les entités

gushyiraho amabwiriza ku mikorere ikwiye yazo;

10º kumenyesha Umutwe w'Abadepite buri gihembwe cyangwa igihe cyose bibaye ngombwa uko ubukungu rusange n'ingengo y'imari bihagaze;

11º gukurikirana mu buryo buhoraho ko abantu bahawe ububasha bwo gushyira mu bikorwa ingengo y'imari ya Leta bubahiriza inshingano zabo;

12º gutegura buri mwaka raporo y'ibaruramari ihujwe kugira ngo ishyikirizwe Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta;

13º gutunganya indi mirimo yose ya ngombwa mu gushyira mu bikorwa iri tegeko ngenga n'andi mategeko yerekeye imari ya Leta.

**<u>Ingingo ya 14</u>: Ububasha bwa Minisitiri**

Kugira ngo Minisitiri ashobore kurangiza inshingano ze nk'uko zigenwa mu ngingo ya 13 y'iri tegeko ngenga, afite ububasha bukurikira:

1º gushyiraho, ashingiye ku cyemezo cy'Inama y'Abaminisitiri, inzego muri Minisiteri ayobora zo gushyira mu

issue regulations on their proper functioning;

10º to inform the Chamber of Deputies every quarter or whenever necessary, on macroeconomic and budgetary developments;

11º to ensure on a regular basis, that persons delegated to utilize the State budget comply with their responsibilities;

12º to prepare the annual consolidated Financial Statements for submission to the Auditor General of State Finances;

13º to perform any other duties necessary for the implementation of this Organic Law and other laws related to public finance.

**<u>Article 14</u>: Powers of the Minister**

In order for the Minister to perform his/her responsibilities as provided for in Article 13 of this Organic Law, he/she shall have the following powers:

1º to establish, following Cabinet decision, organs within his/her Ministry for implementing the

publiques et mettre en place des règlements sur leur bon fonctionnement;

10º informer chaque trimestre ou chaque fois que de besoin la Chambre des Députés, de l'état de lieux de la situation macroéconomique et budgétaire;

11º s'assurer régulièrement que les personnes chargées de l'exécution du budget de l'Etat se conforment à leurs attributions;

12º préparer le rapport annuel des états financiers consolidés pour le transmettre à l'Auditeur Général des Finances de l'Etat;

13º exécuter toute autre tâche nécessaire pour la mise en application de la présente loi organique et d'autres lois relatives aux finances publiques.

**<u>Article 14:</u> Pouvoirs du Ministre**

Pour accomplir ses attributions telles que prévues par l'article 13 de la présente loi organique, le Ministre a le pouvoir de:

1º mettre en place, sur base d'une résolution du Conseil de Ministre, les organes au sein de son Ministère

bikorwa ibisabwa n'iri tegeko ngenga;

2º kumenyesha mu nyandiko, abayobozi bakuru bashinzwe gucunga imari ya Leta no kugena ububasha bwabo n'inshingano zabo mu byerekeye imicungire y'imari ya Leta;

3º gukurikirana, afatanyije n'abandi Baminisitiri n'abayobozi bakuru bashinzwe gucunga imari ya Leta, ishyirwaho ry'inzego zishinzwe imicungire y'amafaranga yose yinjira n'asohoka mu rwego rw'ingengo y'imari n'ayasohotse mu bigo bigenerwa ingengo y'imari;

4º gushyiraho, abigiyemo inama na Minisiteri ifite inzego z'ibanze mu nshingano zayo, uburyo bwo guhuriza hamwe ishyirwa mu bikorwa ry'ingingo z'iri tegeko ngenga zireba inzego z'ibanze;

5º gutanga amabwiriza yerekeye imikoranire iboneye n'ibigo by'imari;

6º kugena inshingano no gutanga amabwiriza ku micungire y'imari mu bigo bya Leta byose;

requirements under this Organic Law;

2º to inform in writing, chief budget managers and outline their powers and responsibilities in finance management;

3º to ensure, in collaboration with other Ministers and chief budget managers, the establishment of organs in budget agencies for the accounting of all budgetary revenues and expenditures;

4º to establish, after consultation with the Ministry in charge of decentralized entities, mechanisms for coordinating the implementation of the provisions of this Organic Law that pertain to decentralized entities;

5º to issue instructions relating to appropriate relations with finance institutions;

6º to assign responsibilities and instructions on financial management in all public institutions;

permettant la mise en exécution des tâches prévues par la présente loi organique;

2º informer par écrit, les gestionnaires principaux du budget et définir leurs pouvoirs et attributions en matière de gestion financière;

3º assurer, en collaboration avec les autres Ministres et les gestionnaires principaux du budget, la mise en place des structures de gestion dans les agences budgétaires pour la comptabilisation de toutes les recettes et dépenses budgétaires;

4º établir, en concertation avec le Ministère ayant les entités décentralisées dans ses attributions, les mécanismes de coordination de l'application des dispositions de la présente loi organique relatives aux entités décentralisées;

5º donner des instructions relatives à la collaboration appropriée avec les institutions financières;

6º assigner les responsabilités et donner des instructions sur la gestion des finances dans tous les établissements publics;

7º kugira uburenganzira busesuye bwo kugera ku nyandiko zose n'ibindi byerekana imicungire y'imari y'inzego zose za Leta;

8º gutegura amabwiriza harimo n'ibikurikizwa mu micungire y'imari no kubishyikiriza Inama y'Abaminisitiri kugira ngo byemezwe;

9º gutanga amabwiriza yerekana uko bategura, bakoresha, babarura, bagenzura, batanga raporo, bakurikirana imikoreshereze y'imari ya Leta mu bigo bya Leta;

10º gushyiraho amabwiriza ku ikurikizwa ry'ibiteganywa byihariye muri iri tegeko ngenga;

11º kwemeza ifungura ry'amakonti muri banki n'imikono y'abakozi babyemerewe bose;

12º gushyiraho ibikurikizwa mu igenzura bwite bikoreshwa n'inzego za Leta;

13º gushyiraho muri Minisiteri ibikurikizwa biboneye kandi bihujwe ku micungire y'amafaranga ya Leta;

7º to have unrestricted access to documents and financial management records of all public entities;

8º to prepare and submit to the Cabinet for approval regulations including financial management procedures;

9º to issue instructions of preparation, use, accounting, control, reporting and monitoring use of public funds in public institutions;

10º to issue regulations and instructions on the application of specific provisions of this Organic Law;

11º to approve the opening of bank accounts and signatories of all authorized officers;

12º to establish appropriate internal audit procedures applicable to public entities;

13º to establish in the Ministry, appropriate and coordinated procedures for treasury management;

7º avoir libre accès aux documents et autres pièces de gestion financière de toutes les entités publiques;

8º élaborer les règlements, y compris les procédures de gestion des finances et les soumettre au Conseil des Ministres pour approbation;

9º donner des directives sur les procédures d'élaboration, d'exécution, de comptabilité, de contrôle, de présentation des rapports et de suivi de l'utilisation des fonds publics dans les établissements publics ;

10º mettre en place des règlements et instructions relatifs à l'application de certaines dispositions spécifiques de la présente loi organique ;

11º approuver l'ouverture de comptes bancaires et spécimen de signatures de tous les agents délégués;

12º fixer les procédures d'audit interne applicables aux entités publiques;

13º fixer au sein du Ministère les procédures appropriées et coordonnées pour la gestion de trésorerie;

14º gushyiraho uburyo bukwiye bwo gucunga, gukurikirana no gutanga raporo ku mutungo wa Leta;

15º gushyiraho uburyo bukwiye bw'imicungire y'imari ya Leta, harimo ishyirwa ry'amakonti mu byiciro by'ibaruramari kugira ngo bukoreshwe n'inzego za Leta.

**Ingingo ya 15: Itangabubasha n'inshingano bikozwe na Minisitiri**

Uretse ububasha bwo gutanga amabwiriza, Minisitiri ashobora, bikozwe mu nyandiko cyangwa binyuze mu mabwiriza yerekeye imari, guha Umunyamabanga Uhoraho n'Umunyamabanga ushinzwe Ikigega cya Leta, cyangwa undi mukozi wa Leta muri Minisiteri, bumwe mu bubasha n'inshingano bye.

Itangabubasha rikozwe gutyo ntiribuza Minisitiri kubazwa ibyakozwe byerekeranye n'iryo tangabubasha cyangwa ibyakozwe mu nshingano yatanze.

Minisitiri ashobora guhagarika, guhindura cyangwa gukuraho itangabubasha yahaye umuntu uwo ari we wese, cyangwa icyemezo cyose cyafashwe n'abahawe ububasha iyo bigaragaye ko batujuje neza inshingano bahawe.

14º to set up appropriate procedures to manage, monitor and report on public property;

15º to prescribe an appropriate financial management system, including classification of accounts, for use by public entities.

**Article 15: Delegation of powers and responsibilities by the Minister**

With the exception of powers to issue regulations, the Minister may delegate, in writing or through regulations relating to finances, part of his/her powers and responsibilities to the Permanent Secretary and Secretary to the Treasury or any other public officer of the Ministry.

Delegation so given does not divest the Minister from the accountability relating to the exercise of delegated power or the performance of the assigned responsibilities.

The Minister may suspend, change or revoke any delegated power given to any delegated person, or any decision taken by the delegated persons if it is clear that they do not fulfill their responsibilities in an appropriate manner.

14º fixer les procédures appropriées pour gérer, suivre de près et faire des rapports sur le patrimoine de l'Etat;

15º déterminer un système de gestion financière appropriée, y compris la classification des comptes, pour l'utilisation par des entités publiques.

**Article 15: Délégation des pouvoirs et attributions par le Ministre**

A l'exception des pouvoirs d'édicter des règlements, le Ministre peut déléguer, par écrit ou par voie de règlements relatifs aux finances, une partie de ses pouvoirs et attributions, au Secrétaire Permanent et au Secrétaire au Trésor ou à un autre fonctionnaire du Ministère.

La délégation ainsi donnée n'exempte pas le Ministre de la responsabilité de rendre compte de l'exercice du pouvoir délégué ou de l'exécution des attributions déléguées.

Le Ministre peut suspendre, modifier ou révoquer tout pouvoir délégué à toute personne, ou toute décision prise par les personnes exerçant le pouvoir délégué lorsqu'il constate qu'elles ne s'acquittent pas correctement de leurs attributions.

**Ingingo ya 16: Ububasha n'inshingano by'Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta**

Hakurikijwe amabwiriza rusange n'ububasha butangwa na Minisitiri, no mu nshingano zigenwa n'Inama y'Abaminisitiri ku Banyamabanga Bahoraho bose, Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta afite ububasha n'inshingano bikurikira:

1º kugenzura no gucunga ishyirwa mu bikorwa rya politiki zerekeye ikoreshwa ry'amafaranga ya Leta n'izindi nshingano zihabwa Minisiteri;

2º guha abakozi akuriye, akoresheje inyandiko, bumwe mu bubasha bwe n'imirimo bitabangamiye inshingano ze;

3º kugira inama abayobozi bakuru bashinzwe gucunga imari ya Leta ku bibazo byose bireba ikurikizwa ry'iri tegeko ngenga;

4º gushyiraho uburyo bukwiye bwo gushaka no guhuza amakuru yose kugira ngo ingengo y'imari itegurwe ku gihe no mu buryo bukwiye;

5º kugenzura ko amafaranga atangwa na Leta adahungabanya ubukungu rusange kandi ko agaragaza ubusugire bw'agaciro k'ifaranga ry'Igihugu;

**Article 16: Powers and responsibilities of the Secretary to the Treasury**

Under the general directives and the powers given by the Minister, and within the responsibilities prescribed by the Cabinet for all Permanent Secretaries, the Secretary to the Treasury shall have the following powers and responsibilities:

1º to oversee and ensure the implementation of policies relating to the use of public funds and other tasks assigned to the Ministry;

2º to delegate, in writing, part of his/her powers and tasks to public officers directly under him/her without prejudice to his/her responsibilities;

3º to advise chief budget managers on any matters concerning the application of this Organic Law;

4º to establish an effective system for the collection and coordination of all information to ensure timely and effective preparation of the budget;

5º to ensure Government spending maintains macroeconomic stability and reflects the sovereignty of the value of the national currency;

**Article 16: Pouvoirs et attributions du Secrétaire au Trésor**

Conformément aux directives générales et aux pouvoirs donnés par le Ministre, et dans le cadre des attributions fixées par le Conseil des Ministres pour tous les Secrétaires Permanents, le Secrétaire au Trésor a les pouvoirs et les attributions suivants:

1º superviser et contrôler l'exécution des politiques relatives à l'utilisation des fonds publics et des autres tâches assignées au Ministère;

2º déléguer par écrit, une partie de ses pouvoirs et tâches aux agents publics placés sous son autorité, sans préjudice de ses attributions;

3º conseiller les gestionnaires principaux du budget sur toutes questions relatives à l'application de la présente loi organique;

4º mettre en place un système efficace pour la collecte et la coordination de toutes les informations pour assurer l'élaboration du budget dans les délais et de façon efficace;

5º s'assurer que les dépenses du Gouvernement maintiennent la stabilité macro-économique et reflètent la souveraineté de la valeur

de la monnaie nationale;

6º gushyiraho uburyo bwo kugenzura imikoreshereze myiza y'ikigega cya Leta mu buryo bushingiye ku micungire rusange y'ubukungu bw'Igihugu;

7º kuyobora Komite y'imicungire y'imari ya Leta ifite inshingano yo gucunga ikigega gihurizwamo amafaranga yose ya Leta. Abagize iyo Komite n'uburyo ikora bigenwa n'amabwiriza yerekeye imari;

8º guhuza no gukurikirana uburyo bw'imicungire yerekeye imari no gukumira ibyateza ingorane, igenzura bwite n'itangwa rya za raporo muri Minisiteri zose n'izindi nzego za Leta;

9º iyo bibaye ngombwa gusaba abayobozi bakuru bashinzwe gucunga imari ya Leta gutanga ibisobanuro abona ko ari ngombwa kugezwaho, hakurikijwe itegeko riteganya ko imari bacunga igenzurwa n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta;

Haseguriwe ibiteganywa n'izindi ngingo z'iri tegeko ngenga, Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta cyangwa intumwa ye bafite ububasha bwo gukora igenzura ry'ibikorwa byose basanga ari ngombwa gushakiramo amakuru yerekeye imari ya Leta.

6º to put in place mechanisms that ensure smooth running of the Treasury in the overall context of macroeconomic management;

7º to chair the Treasury Management Committee responsible for managing the Consolidated Fund. The members of such a committee and its functional modalities shall be determined by the financial regulations;

8º to coordinate and monitor systems of financial and risk prevention, internal audit and reporting in all Ministries and other public entities;

9º if deemed appropriate, to require any chief budget manager, whose accounts are subject by the law to the audit of the Auditor General of State Finances, to supply information, as he/she considers necessary;

Subject to the other provisions of this Organic Law, the Secretary to the Treasury or his/her delegate, have the power to inspect all operations from which they may find necessary to require all information relating to public funds.

6º mettre en place des mécanismes nécessaires pour une bonne gestion du Trésor dans le contexte général de la gestion macroéconomique;

7º diriger le Comité de Gestion du Trésor chargé de la gestion du fonds consolidé; les membres de ce comité et les modalités de son fonctionnement étant déterminés par les règlements financiers;

8º coordonner et faire le suivi des systèmes de gestion financière et de prévention des risques, d'audit interne et des rapports dans tous les Ministères et d'autres entités publiques;

9º le cas échéant, exiger de tout gestionnaire principal du budget, dont les comptes sont assujettis par la loi à l'audit de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat, de fournir des explications qu'il juge nécessaires;

Sous réserve des autres dispositions de la présente loi organique, le Secrétaire au Trésor ou son délégué ont le pouvoir d'inspecter toutes les opérations où ils jugent opportun de requérir toutes les informations relatives aux deniers publics.

**Ingingo ya 17: Orudonateri w'ingengo y'imari ya Leta**

Perezida wa Repubulika ni we Orudonateri Mukuru w'ingengo y'imari ya Leta.

Minisitiri ni intumwa ya Orudonateri Mukuru w'ingengo y'imari ya Leta.

**Ingingo ya 18: Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari ya Leta**

Hashingiwe ku miterere y'inzego za Leta, Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari ya Leta ni:

1º Umuyobozi Mukuru ushinzwe imirimo rusange mu Biro bya Perezida wa Repubulika;

2º Umunyamabanga Mukuru wa Sena;

3º Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe w'Abadepite;

4º Umuyobozi Mukuru ushinzwe imirimo rusange mu Biro bya Minisitiri w'Intebe;

5º Umunyamabanga Mukuru mu Rukiko rw'Ikirenga;

6º Umuyobozi Mukuru ushinzwe ubutegetsi n'imari mu Rwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza

**Article 17: Paymaster of State Budget**

The President of the Republic shall be the overall paymaster of the State Budget.

The Minister shall be the delegated Paymaster of the State Budget.

**Article 18: Chief Budget Manager**

Given the organisational structure of public entities in Rwanda, the chief budget manager shall be:

1º the Director General of Corporate Services in the Office of the President of the Republic;

2º the Clerk of the Senate;

3º the Clerk of the Chamber of Deputies;

4º the Director General of Corporate Services in the Prime Minister's Office;

5º the Secretary General in the Supreme Court;

6º the Director General of Administration and Finance in the National Intelligence and Security

**Article 17: Ordonnateur du Budget de l'Etat**

Le Président de la République est l'Ordonnateur Général du budget de l'Etat.

Le Ministre est l'ordonnateur délégué du budget de l'Etat.

**Article 18: Gestionnaire Principal du budget**

Compte tenu de la structure organisationnelle des entités publiques au Rwanda, le Gestionnaire Principal du budget est:

1º le Directeur Général des Services Généraux au Bureau du Président de la République;

2º le Secrétaire Général du Sénat;

3º le Secrétaire Général de la Chambre des Députés;

4º le Directeur Général des Services Généraux au Cabinet du Premier Ministre;

5º le Secrétaire Général de la Cour Suprême;

6º le Directeur Général de l'Administration et des Finances du Service National de Renseignements

n'Umutekano;

7º Umunyamabanga Mukuru mu Biro by'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta;

8º Umunyamabanga Mukuru w'Urwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru;

9º Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri;

10º Umunyamabanga Uhoraho mu Rwego rw'Umuvunyi Mukuru;

11º Umujyanama wa mbere muri Ambassade cyangwa undi mukozi muri Ambasade wabyemerewe na Minisitiri;

12º Umuyobozi Mukuru wungirije ushinzwe imari mu Kigo cya Leta cy'Amashuri makuru;

13º Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu;

14º Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara;

15º Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umujyi wa Kigali;

16º Umunyamabanga Nshingwabikorwa mu Rwego rw'Ibanze;

Service;

7º the Secretary General in the Office of the Auditor General of State Finances;

8º the Secretary General of the National Public Prosecution Authority;

9º the Permanent Secretary in the Ministry;

10º the Permanent Secretary in the Office of the Ombudsman;

11º the First Counselor in the Embassy or any other authorized officer in the Embassy approved by the Minister;

12º the Vice Rector in charge of finance in public higher learning institution;

13º the Executive Secretary of a National Commission;

14º the Executive Secretary of the Province;

15º the Executive Secretary of the City of Kigali;

16º the Executive Secretary in a decentralized entity;

et de Sécurité ;

7º le Secrétaire Général de l'Office de l'Auditeur Général des Finances l'Etat ;

8º le Secrétaire Général de l'Organe National de Poursuite judiaire;

9º le Secrétaire Permanent du Ministère;

10º le Secrétaire Permanent du Bureau de l'Ombudsman;

11º le Premier Conseiller à l'Ambassade ou tout autre fonctionnaire autorisé dans l'Ambassade approuvé par le Ministre;

12º le Vice-Recteur chargé des finances dans une institution publique d'éducation supérieure;

13º le Secrétaire Exécutif d'une Commission Nationale;

14º le Secrétaire Exécutif de la Province;

15º le Secrétaire Exécutif de la Ville de Kigali ;

16º le Secrétaire Exécutif dans une entité décentralisée;

17º Umuyobozi Mukuru w'ikigo cya Leta cyangwa undi mukozi mu kigo cya Leta wabyemerewe na Minisitiri;

18º undi mukozi wese ubyemererwa hakurikijwe itegeko.

**<u>Ingingo ya 19</u>: Inshingano z'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari ya Leta**

Umuyobozi mukuru ushinzwe gucunga imari ya Leta ashinzwe:

1º gutegura gahunda y'igihe giciritse, gahunda y'ibikorwa y'umwaka, n'ingengo y'imari y'umwaka y'amafaranga atangwa n'urwego rwa Leta ashinzwe;

2º kugenzura imikoreshereze y'ingengo y'imari y'urwego rwa Leta ashinzwe, hakurikijwe ingingo zose z'iri tegeko ngenga kimwe n'amabwiriza atangwa na Minisitiri;

3º gutunganya ibaruramari n'inyandiko zerekana imicungire y'imari z'uwego rwa Leta ashinzwe hakurikijwe amabwiriza yerekeye imari atangwa na Minisitiri;

4º gutegura no gushyikiriza Minisiteri

17º the Director General of a public institution or any other authorized officer in the public institution approved by the Minister;

18º any other lawfully authorized officer.

**<u>Article 19</u>: Responsibilities of the Chief Budget Manager**

The Chief Budget Manager shall have the following responsibilities:

1º to prepare the mid-term plan, the annual action plan, and annual budget for funds provided by the public entity under his/her responsibilities;

2º to exercise control over the execution of the budget of the public entity under his/her responsibility, in compliance with all provisions of this Organic Law as well as regulations issued by the Minister;

3º to maintain accounts and records of the public entity under his/her responsibility in accordance with the financial regulations prescribed by the Minister;

4º to prepare and transmit reports to the

17º le Directeur Général d'un établissement public ou tout autre fonctionnaire autorisé de l'établissement public approuvé par le Ministre;

18º tout autre agent autorisé conformément à la loi.

**<u>Article 19</u>: Attributions du Gestionnaire principal du budget**

Le Gestionnaire principal du budget est chargé de:

1º préparer la planification à moyen terme, le plan d'action annuel et le budget annuel pour les fonds fournis par l'entité publique sous sa responsabilité;

2º contrôler l'exécution du budget de l'entité publique sous sa responsabilité, dans le respect de toutes les dispositions de la présente loi organique ainsi que les règlements édictés par le Ministre;

3º tenir les comptes et états financiers de l'entité publique sous sa responsabilité conformément aux réglements financiers édictés par le Ministre;

4º élaborer et soumettre des rapports au

raporo nk'uko bigenwa n'iri tegeko ngenga n'amabwiriza atangwa na Minisitiri akagenera kopi umuyobozi w'urwego rwa Leta ashinzwe;

5º gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda z'amafaranga yinjira n'asohoka byagiweho inama na Minisiteri;

6º gucunga imari yagenewe Urwego rwa Leta ashinzwe mu buryo bwiza, bukwiye kandi bunyuze mu mucyo hakurikijwe amategeko abigenga;

7º gushyiraho no gutunganya uburyo bunoze, bukwiye kandi bunyuze mu mucyo bwerekeye igenzura ry'imbere no gukumira ibyateza ingorane;

8º kugenzura no kureba ikoreshwa rikwiye ry'amafaranga ya Leta afitwe n'ibigo bishamikiye ku rwego ruri mu nshingano ze;

9º gutanga ibindi bisobanuro byose yasabwa na Minisiteri n'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta;

10º gushyira mu bikorwa imyanzuro yatanzwe n'igenzura rya Minisiteri

Ministry as provided for in this Organic Law and in regulations issued by the Minister with a copy to the Executive head of the public entity under his/her responsibilities;

5º to prepare and implement cash flow plans in consultation with the Ministry;

6º to manage effectively, efficiently and in a transparent manner all the public funds for the public entity under his/her responsibility in accordance with relevant legal provisions;

7º to establish and maintain effective, efficient and transparent systems of internal controls and risk management;

8º to supervise and ensure proper use of public funds at the disposal of subsidiary entities under his/her responsibility;

9º to provide any other information as may be required by the Ministry and Office of the Auditor General of State Finances;

10º to implement the audit recommendations of the Ministry and

Ministère conformément à la présente loi organique et aux règlements édictés par le Ministre et réserver une copie au responsable exécutif de l'entité publique sous sa responsabilité;

5º élaborer et exécuter les plans de flux de trésorerie en consultation avec le Ministère;

6º gérer efficacement, de façon efficiente et d'une manière transparente tous les fonds publics de l'entité publique sous sa responsabilité conformément aux dispositions légales en la matière;

7º établir et maintenir des systèmes efficaces, efficients et transparents de contrôle interne et de gestion des risques ;

8º superviser et garantir la bonne utilisation des fonds publics mis à la disposition des entités rattachées à l'organe dont il est chargé;

9º fournir toute autre information demandée par le Ministère et l'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat ;

10º exécuter les recommandations de l'audit du Ministère et de l'Auditeur

n'iry'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta;

11º kubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko ngenga byose, amabwiriza atangwa na Minisitiri n'andi mategeko yerekeye imari ya Leta.

**<u>Ingingo ya 20:</u> Itangabubasha rikozwe n'umuyobozi mukuru ushinzwe gucunga imari ya Leta**

Umuyobozi mukuru ushinzwe gucunga imari ya Leta ashobora guha bumwe mu bubasha bwe undi mukozi wese wa Leta akuriye ubikwiye yabanje kubimenyesha Minisitiri mu nyandiko, akanaha kopi umuyobozi ushinzwe urwego rwa Leta bireba.

Iyo Umuyobozi mukuru ushinzwe gucunga imari ya Leta agize uwo aha ububasha, akomeza kubazwa ibyakozwe.

**<u>Ingingo ya 21</u>: Inshingano z'Umuyobozi w'urwego rwa Leta**

Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, Umuyobozi w'urwego rwa Leta afite inshigano zikurikira:

1º gutanga imirongo ya ngombwa ku byihutirwa bigomba guhabwa amafaranga mu mitegurire y'ingengo y'imari y'inzego za Leta ziri mu

Auditor General of State Finances;

11º to ensure compliance with all the provisions of this Organic Law, regulations issued by the Minister and other laws relating to public finance.

**<u>Article 20</u>: Delegation of powers by the Chief Budget Manager**

The Chief Budget Manager may delegate part of his/her powers to any relevant public officer under him/her after informing the Minister in writing, with a copy to the Executive Head of the relevant public entity.

In case the Chief Budget Manager delegates his/her powers to any person, he/she shall remain fully accountable.

**<u>Article 21:</u> Responsibilities of the Executive Head**

Without prejudice to other legal provisions, the Executive Head of a public entity shall have the following responsibilities:

1º to provide strategic guidance on the priorities to be funded in the preparation of the budgets of the public entities under his/her

Général des Finances l'Etat;

11º assurer le respect de toutes les dispositions de la présente loi organique, les règlements édictés par le Ministre et d'autres lois relatives aux finances publiques.

**<u>Article 20:</u> Délégation de pouvoirs par le gestionnaire principal du budget**

Le gestionnaire principal du budget peut déléguer une partie de ses pouvoirs à un agent public compétent sous son autorité après avoir informé le Ministre par écrit tout en réservant une copie au responsable exécutif de l'entité publique concernée.

Lorsque le gestionnaire principal du budget délégue ses pouvoirs à une autre personne, il en reste pleinement responsable.

**<u>Article 21:</u> Attributions du Responsable Exécutif**

Sans préjudice des autres dispositions légales, le Responsable Exécutif d'une entité publique est chargé de:

1º donner des orientations stratégiques sur les priorités devant être financées dans la préparation des budgets des entités publiques placées sous sa

nshingano ze;

2º gutanga imirongo ngenderwaho mu kongera kugena ibyihutirwa mu ngengo y'imari, bibaye ngombwa hakurikijwe amategeko abigenga;

3º gukurikirana ikoreshwa ry'amafaranga ya Leta n'imicungire y'umutungo ufitwe n'inzego za Leta ziri mu nshingano ze;

4º guha umuyobozi mukuru ushinzwe gucunga imari ya Leta inama zerekeye ikoreshwa rinoze ry'amafaranga ya Leta.

**<u>Ingingo ya 22</u>: Imikoranire y'umuyobozi mukuru ushinzwe gucunga imari ya Leta n'umuyobozi w'urwego rwa Leta**

Umuyobozi mukuru ushinzwe gucunga imari ya Leta ntagomba guhohoterwa, kuvangurwa, kugabanyirizwa intera yari agezeho, kwirukanwa, guhindurirwa imirimo cyangwa gufatirwa ibihano byo mu rwego rw'imyitwarire kubera ko yakoze akurikije ibiteganywa n'iri tegeko ngenga.

Amabwiriza yose Umuyobozi w'Urwego rwa Leta aha umuyobozi mukuru ushinzwe gucunga imari ya Leta afite ingaruka ku mutungo w'Urwego rwa Leta agomba kuba yanditse.

responsibility;

2º to provide guidance on budget reprioritisation where necessary in accordance with relevant legal provisions;

3º to monitor the use of public funds and management of assets at the disposal of the public entities under his/her responsibility;

4º to advise the chief budget manager on effective use of public funds.

**<u>Article 22</u>: Relations between the Chief Budget Manager and the Executive Head of the public entity**

The Chief Budget Manager shall not be victimized, discriminated, demoted in rank, dismissed, removed from office or otherwise subject to disciplinary action solely because he/she acted in compliance with the provisions of this Organic Law.

Any directive by the Executive Head to the Chief Budget Manager of the public entity having financial implications for the public entity shall be in writing.

responsabilité;

2º donner des orientations sur la redéfinition des priorités du budget, le cas échéant conformément aux dispositions légales en la matière;

3º suivre de près l'utilisation des fonds publics et la gestion d'actifs à la disposition des entités publiques placées sous sa responsabilité;

4º donner des conseils au gestionnaire principal du budget sur l'utilisation efficace des fonds publics.

**<u>Article 22:</u> Relations entre le gestionnaire principal du budget et le Responsable Exécutif de l'entité publique**

Le gestionnaire principal du budget ne doit pas être victime de persécution, de discrimination, de rétrogradation, de licenciement, de révocation de ses fonctions ou autrement, être sujet à des mesures disciplinaires uniquement parce qu'il a agi conformément aux dispositions de la présente loi organique.

Toute directive donnée par le Responsable Exécutif au gestionnaire principal du budget de l'entité publique ayant des implications financières pour l'entité publique doit être faite par écrit.

Igikorwa cyose cy'umuyobozi mukuru ushinzwe gucunga imari ya Leta gikozwe na we ubwe cyangwa afatanyije n'Umuyobozi w'urwego rwa Leta kinyuranyije n'ibiteganywa n'iri tegeko ngenga gifatirwa ibihano hakurikijwe ingingo ya 73 y'iri tegeko ngenga.

**Ingingo ya 23: Gushyikiriza raporo z'ibikorwa Minisitiri ufite inzego z'ibanze mu nshingano ze**

Komite Nyobozi y'urwego rw'ibanze ishyikiriza Inama Njyanama raporo za buri gihembwe na buri mwaka zerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari.

Inama Njyanama, nyuma y'isuzuma rya raporo yahawe na Komite Nyobozi y'urwego rw'ibanze, iyishyikiriza Minisitiri ufite inzego z'ibanze mu nshingano ze binyujijwe ku Mukuru w'Intara cyangwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali. Minisitiri ufite imari mu nshingano ze agenerwa kopi y'iyo raporo.

**Ingingo ya 24: Inshingano z'Umuyobozi Mukuru w'ikigo cya Leta mu micungire y'imari ya Leta**

Buri kigo cya Leta kigira Umuyobozi Mukuru ubazwa imicungire y'imari ya Leta ku mpamvu z'iri tegeko ngenga.

Any act by the Chief Budget Manager individually or jointly with the Executive Head of the public entity that contravenes the provisions of this Organic Law, shall be sanctioned in accordance with Article 73 of this Organic Law.

**Article 23: Submission of activity reports to the Minister in charge of decentralized entities**

The Executive Committee of the decentralized entity shall submit quarterly and annual budget execution reports to the Council.

The Council, after examination of the report submitted by the Executive Committee of the decentralized entity, shall submit it to the Minister in charge of decentralized entities through the Provincial Governor or the Mayor of the City of Kigali. The Minister in charge of finance shall receive a copy of such a report.

**Article 24: Responsibilities of the Chief Executive Officer of a public institution in public finance management**

Every public institution shall have a Chief Executive Officer who shall be accountable for finance management for the purposes of this Organic Law.

Tout acte fait par le gestionnaire principal du budget, individuellement ou conjointement avec le Responsable Exécutif de l'entité publique en contravention aux dispositions de la présente loi organique est puni conformément à l'article 73 de la présente loi organique.

**Article 23: Transmission des rapports d'activités au Ministre ayant les entités décentralisées dans ses attributions**

Le Comité Exécutif de l'entité décentralisée transmet au Conseil des rapports trimestriels et annuels sur l'exécution du budget.

Le Conseil, après examen du rapport transmis par le Comité Exécutif de l'entité décentralisée, le soumet au Ministre ayant les entités décentralisées dans ses attributions sous couvert du Gouverneur de Province ou du Maire de la Ville de Kigali. Le Ministre ayant les finances dans ses attributions reçoit une copie de ce rapport.

**Article 24: Attributions du Responsable Exécutif d'un établissement public dans la gestion des finances publiques**

Chaque établissement public doit avoir un Responsable Exécutif chargé de la gestion des finances aux fins de la présente loi organique.

Umuyobozi Mukuru w'ikigo cya Leta ashinzwe gutegura no gushyira mu bikorwa ingengo y'imari y'ikigo ashinzwe, akurikirana kandi imicungire myiza y'imari, abika ibitabo by'amakonti kandi agashyikiriza Minisitiri n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta raporo n'ibisobanuro bijyana nk'uko bigenwa n'iri tegeko ngenga akagenera kopi Umuyobozi w'Inama y'Ubuyobozi.

The Chief Executive Officer of a public institution shall prepare and implement the budget of this public institution, ensure good financial management, keep books of accounts and submit reports and related explanations to the Minister and Auditor General of State Finances as determined by this Organic Law, with a copy to the Chairperson of the Board of Directors.

Le Responsable Exécutif d'un établissement public est chargé d'élaborer et exécuter le budget dans cet établissement public, assurer une bonne gestion des finances, tenir des comptes et soumettre des rapports et des explications y relatives au Ministre et à l'Auditeur Général des Finances de l'Etat tel que déterminés par la présente loi organique, tout en réservant une copie au Président du Conseil d'Administration.

## <u>UMUTWE WA III</u>: IGENAMIGAMBI, ITEGURWA N'IYEMEZWA RY'INGENGO Y'IMARI YA LETA

## <u>CHAPTER III</u>: PLANNING, BUDGET PREPARATION AND APPROVAL

## <u>CHAPITRE III</u> : PLANIFICATION, ELABORATION ET ADOPTION DU BUDGET

### <u>Ingingo ya 25</u>: Igenamigambi rya Leta

Umuyobozi Mukuru ushinzwe igenamigambi muri Minisiteri ashinzwe gukurikirana no guhuza ibikorwa by'igenamigambi rya Leta ashingiye ku igenamigambi ry'Igihugu.

Inshingano ze zihariye ziteganywa mu mabwiriza atangwa na Minisitiri.

### <u>Article 25</u>: State Planning

The Director General in charge of planning in the Ministry shall be responsible for monitoring and coordinating State planning activities based on national planning.

The Minister's instructions shall determine his/her specific responsibilities.

### <u>Article 25</u>: Planification de l'Etat

Le Directeur Général chargé de la planification au Ministère est chargé de faire le suivi et de coordonner les activités de la planification de l'Etat en se basant sur la planification nationale.

Les instructions du Ministre déterminent ses attributions particulières.

### <u>Ingingo ya 26</u>: Amabwiriza n'imirongo ngenderwaho byerekeye ingengo y'imari ya Leta

Itegurwa n'iyemezwa ry'ingengo y'imari ya Leta bikurikiza gahunda y'ingengo y'imari hashingiwe ku ngengabihe iri mu mabwiriza atangwa na Minisitiri.

### <u>Article 26:</u> Budget instructions and guidelines

The preparation and approval of the budget shall follow the budget cycle on the basis of the calendar included in the instructions issued by the Minister.

### <u>Article 26</u>: Instructions et lignes directrices du Budget

L'élaboration et l'approbation du budget suit le cycle budgétaire, sur la base du calendrier inclus dans les instructions données par le Ministre.

Amabwiriza ya Minisitiri agaragaza nibura:

1º uburyo bwo gutegura ingengo y'imari ya Leta ya buri mwaka n'amafaranga atangwa ku gihe giciriritse;

2º uko umushinga w'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta uteye n'ibikubiyemo;

3º ingengabihe ku itegurwa n'itangwa ry'imbanzirizamushinga y'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta ;

4º ingengabihe ku itegurwa n'itangwa ry'umushinga w'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta ;

5º uruhare n'inshingano z'abafatanyabikorwa banyuranye muri gahunda yo gutegura ingengo y'imari ya Leta ;

6º andi makuru ya ngombwa mu gufasha inzego za Leta mu gutegura igenamigambi n'ingengo y'imari ya Leta.

**<u>Ingingo ya 27</u>: Inkomoko y'ingengo y'imari ya Leta**

Amafaranga ateganywa kwinjira mu ngengo y'imari y'ubutegetsi bwite bwa Leta akomoka aha hakurikira:

The instructions of the Minister shall, among others, indicate:

1º the modalities for preparation of annual budget and medium term expenditure framework;

2º the format and contents of the State finance bill;

3º timeframe for the preparation and submission of the Budget Framework Paper;

4º the timeframes for the preparation and submission of State finance law;

5º roles and responsibilities of various stakeholders in the budget process;

6º other pertinent information to assist public entities to develop plans and budget.

**<u>Article 27</u>: Sources of State finances**

Money allocated to Central Government budget shall come from the following sources:

Les instructions du Ministre indiquent notamment:

1º les modalités d'élaboration du budget annuel et le cadre des dépenses à moyen terme;

2º le canevas et le contenu du projet de loi des finances de l'Etat;

3º les délais pour l'élaboration et la soumission du document-cadre du budget;

4º les délais pour l'élaboration et la soumission du projet de loi des finances de l'Etat;

5º rôles et responsabilités des divers partenaires dans le processus budgétaire ;

6º toute autre information nécessaire pour aider les entités publiques à élaborer le plan et le budget.

**<u>Article 27</u>: Sources des finances de l'Etat**

Les recettes du budget de l'administration centrale proviennent des sources suivantes:

1° amafaranga yinjira akomoka ku misoro;

2° amafaranga yinjira atava ku misoro;

3° inguzanyo n'impano;

4° amafaranga avuye mu igurisha ry'imitungo;

5° andi mafaranga agenwa n'itegeko.

Ku nzego z'ibanze, inkomoko y'imari kimwe n'imicungire yayo bigenwa n'itegeko ryihariye.

**<u>Ingingo ya 28:</u> Ibigize amafaranga ateganywa gukoreshwa na Leta**

Amafaranga ateganywa gukoreshwa mu ngengo y'imari y'ubutegetsi bwite bwa Leta cyangwa y'inzego z'ibanze n'iy'izindi nzego agizwe n'ibi bikurikira:

1º amafaranga asohoka mu ngengo y'imari isanzwe harimo ayishyurwa ku mishahara y'abakozi, ayishyurwa ibintu n'imirimo yakozwe, inkunga n'ubwishyu bujyana n'umwenda;

2º amafaranga atangwa ku byerekeye imishinga y'iterambere;

3º inguzanyo zitangwa na Leta n'imigabane Leta ifata mu bigo ku mpamvu z'intego zigamijwe

1º tax revenues;

2º non tax revenues;

3º loans and grants;

4º proceeds from sale of assets;

5º other revenues prescribed by the law.

For decentralized entities, the sources of finances as well as their management shall be determined by the relevant law.

**<u>Article 28:</u> Composition of State expenditures**

The expenditures of Central Government or decentralized entities and other entities shall consist of:

1º current expenditure, including employee compensation costs, payments of goods and services, transfers and payments relating to servicing of debt;

2º expenditures relating to development projects;

3º Government lending subventions and shares in parastatals for attaining specified purposes.

1º recettes fiscales;

2º recettes non fiscales;

3º prêts et subventions;

4º produit de la vente des actifs;

5º autres recettes prévues par la loi.

Pour les entités décentralisées, les sources de financement ainsi que leur gestion sont déterminées par la loi y relative.

**<u>Article 28:</u> Composition des dépenses de l'État**

Les dépenses budgétaires de l'administration centrale ou des entités décentralisées et d'autres entités sont constituées par:

1º les dépenses courantes, y compris les frais de rémunération du personnel, les paiements de biens et de services, les transferts et les paiements liés au service de la dette;

2º les dépenses liées aux projets de développement;

3º des subventions de prêts du Gouvernement et ses prises de participation dans les établissements

kugerwaho.

**Ingingo ya 29: Ingengo y'imari y'ingoboka y'ubutegetsi bwite bwa Leta**

Mu nzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta, hateganywa umurongo w'ingengo y'imari mu ngengo y'imari ya Minisiteri, kugira ngo ibitashoboye guteganywa mu bikorwa byihutirwa kandi bitunguranye bikorwe.

Umubare w'amafaranga agenewe ingengo y'imari y'ingoboka ntugomba kurenga atatu ku ijana (3%) y'ingengo y'imari isanzwe.

Mbere yo gukoresha ayo mafaranga, Minisitiri agomba gushyira amafaranga akenewe mu gice cy'ingengo y'imari bireba kandi akagaragaza urwego rwa Leta ruyakoresha n'impamvu z'amafaranga asohoka bitari biteganyijwe.

Minisitiri ategura raporo za buri gihembwe zishyikirizwa Inama y'Abaminisitiri n'Umutwe w'Abadepite zijyanye n'ikoreshwa ry'ayo mafaranga.

Uburyo aya mafaranga y'ingoboka asabwa, ibyo asabirwa n'uburyo akoreshwa bigenwa n'iteka rya Minisitiri.

**Ingingo ya 30: Ingengo y'imari y'ingoboka y'Urwego rw'Ibanze**

Mu rwego rw'ibanze, Inama Njyanama

**Article 29: Emergency budget reserve of Central Government**

In Central Government entities, a budget line shall be provided for in the budget of the Ministry to meet urgent and unexpected expenditure.

The amount of expenditure meant for emergency budget reserve shall not exceed three percent (3%) of the total current budget.

Before using such an amount, the Minister shall transfer the required amount to the relevant budget line under the budget of the public entity which will use it and specify the purpose of the unexpected expenditure.

The Minister shall prepare quarterly reports to Cabinet and Chamber of Deputies on the use of such amount.

An Order of the Minister shall determine the modalities for application and use of the emergency budget reserve as well as the purpose of the application.

**Article 30: Emergency budget reserve of a decentralized entity**

In decentralized entity, the Council is

parastataux pour atteindre ses objectifs déterminés.

**Article 29: Réserve budgétaire d'urgence de l'administration centrale**

Dans les entités de l'administration centrale, une ligne budgétaire est prévue dans le budget du Ministère pour des dépenses urgentes et imprévues.

Le montant des dépenses destinées à la réserve budgétaire d'urgence ne doit pas dépasser trois pour cent (3%) du budget courant.

Avant d'utiliser un tel montant, le Ministre transfère le montant requis au titre budgétaire concerné et identifie l'entité publique devant l'utiliser et l'objet de la dépense imprévue.

Le Ministre élabore des rapports trimestriels à soumettre au Conseil des Ministres et à la Chambre des Députés sur l'utilisation de ce montant.

Un arrêté du Ministre détermine les modalités de demande et d'utilisation de la réserve budgétaire d'urgence ainsi que l'objet de sa demande.

**Article 30: Réserve budgétaire d'urgence d'une entité décentralisée**

Dans une entité décentralisée, le Conseil est

yemerewe guteganya mu ngengo y'imari amafaranga atangwa ku bikorwa byihutirwa bitunguranye n'ibitarashoboye guteganywa.

Amafaranga asohoka ku ngengo y'imari y'ingoboka ntagomba kurenga atatu ku ijana (3%) y'amafaranga yinjizwa n'urwego rw'ibanze.

Umuyobozi wa Komite Nyobozi y'urwego rw'ibanze, byagiweho inama n'abandi bagize Komite Nyobozi bireba, atanga uruhushya rwo gukoresha ayo mafaranga kandi agatanga raporo y'igihembwe mu Nama Njyanama ku ikoreshwa ryayo.

Uburyo aya mafaranga y'ingoboka asabwa, ibyo asabirwa n'uburyo akoreshwa bigenwa n'iteka rya Minisitiri.

**<u>Ingingo ya 31</u>: Icyuho n'amafaranga arenga ku ngengo y'imari**

Itegeko ry'ingengo y'imari ya Leta rishyiraho uburyo amafaranga arenga ku ngengo y'imari agomba gukoreshwa n'uko kuziba icyuho mu ngengo y'imari bikorwa. Icyuho cy'ingengo y'imari gishakirwa amafaranga binyuze mu nguzanyo cyangwa ikoreshwa ry'amafaranga Leta yazigamye.

authorized to establish a budgetary line to meet urgent and unexpected expenditure.

The amount of expenditure meant for emergency budget reserve shall not exceed three percent (3%) of the entity's own revenues.

The Chairperson of the Executive Committee of the decentralized entity, in consultation with other members of the relevant Executive Committee, shall authorize the use of such amount and report quarterly to the Council on its use.

An Order of the Minister shall determine the modalities for application and use of the emergency budget reserve as well as the purpose of the application.

**<u>Article 31</u>: Budget deficit and surplus**

The State finance law shall determine the manner in which budget surplus is to be used and budget deficit to be financed. The budget deficit shall be financed through borrowing or use of reserves accumulated by the State.

autorisé à établir une ligne budgétaire pour les dépenses urgentes et imprévues.

Le montant des dépenses destinées à la réserve budgétaire d'urgence ne doit pas dépasser trois pour cent (3%) des recettes propres de l'entité.

Le Président du Comité Exécutif de l'entité décentralisée, en consultation avec les autres membres du Comité Exécutif concerné, autorise l'utilisation de ce montant et fait un rapport trimestriel au Conseil sur son utilisation.

Un arrêté du Ministre détermine les modalités de demande et d'utilisation de la réserve budgétaire d'urgence ainsi que l'objet de sa demande.

**<u>Article 31:</u> Déficit budgétaire et excédent budgétaire**

La loi des finances de l'Etat détermine la manière dont l'excédent budgétaire doit être utilisé et la manière dont le déficit budgétaire est financé. Le déficit budgétaire est financé à travers l'emprunt ou l'utilisation des réserves accumulées par l'Etat.

**Ingingo ya 32: Gutegura no gutanga imbanzirizamushinga y'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta**

Minisitiri ategura kandi agashyikiriza Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko bitarenze itariki ya 30 Mata ya buri mwaka imbanzirizamushinga y'itegeko ry'ingengo y'imari ya Leta.

Imbanzirizamushinga y'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta igomba kubanza kwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri mbere y'uko ishyikirizwa Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko.

Imbanzirizamushinga y'itegeko ry'ingengo y'imari ya Leta iherekezwa n'imigereka ya ngombwa harimo:

1º ibigaragaza ibipimo by'ubukungu rusange bw'ibanze;

2º ingengo y'imari iteganyijwe mu gihe bireba;
3º raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari ku gice cy'uwo mwaka w'ingengo y'imari;

4º inguzanyo n'amafaranga ateganyijwe kwishyura inguzanyo;

5º inkunga ziteganyijwe n'aho ziva;

**Article 32: Preparation and presentation of the budget framework paper**

The Minister shall prepare and submit to both Chambers of the Parliament, by not later than 30th April of each year, the Budget Framework Paper.

The Budget Framework Paper shall be approved by Cabinet before submission to both Chambers of the Parliament.

The Budget Framework Paper shall contain at least the following annexes:

1º the basic macroeconomic indicators;

2º the fiscal projections for the relevant period;
3º the mid-year budget execution report of the current year;

4º the borrowing and loan servicing projections;

5º the projections of grants by source;

**Article 32: Préparation et présentation du document cadre du budget**

Le Ministre élabore et soumet aux deux Chambres du Parlement, au plus tard le 30 avril de chaque année, le document-cadre du budget.

Le document-cadre du budget doit être approuvé par le Conseil des Ministres avant d'être soumis aux deux Chambres du Parlement.

Le document cadre du budget est accompagné au moins par les annexes y relatifs:

1º les indicateurs macroéconomiques de base;

2º les projections budgétaires pour la période concernée;
3º le rapport semestriel d'exécution du budget de l'année en cours ;

4º les emprunts et les projections du service de remboursement de la dette;

5º les projections de subventions par source ;

6º imirongo ngenderwaho ku mafaranga yagaragajwe yohererezwa inzego z'ibanze;

7º amafaranga inzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta ziteganya kwinjiza no gukoresha;

8º inyandiko zihujwe z'inzego z'ibanze zikubiyemo incamake y'amafaranga yinjiye n'asohoka;

9º amafaranga yinjiye y'ibigo bya Leta n'ateganywa gusohoka;

10º umubare w'amafaranga y'inyungu yishyurwa n'ibigo Leta ifitemo imigabane n'igice cyayo gishyirwa mu ngengo y'imari;

11º ingwate zatanzwe ku myenda yafashwe na Leta;

12º inyandiko zigaragaza uko uburinganire bw'abagore n'abagabo buzinjizwa mu ngengo y'imari.

Inteko Ishinga Amategeko iha Inama y'Abaminisitiri ibitekerezo ku mbanzirizamushinga y'itegeko ry'ingengo y'imari.

Ibyo bitekerezo bishyikirizwa Inama y'Abaminisitiri bitarenze tariki ya 30 Gicurasi y'uwo mwaka w'ingengo y'imari.

6º the guidelines on earmarked tranfers to decentralised entities;

7º the projected internally generated revenues and related expenditures of Central Government entities;

8º the consolidated summaries of revenues and expenditures of decentralized entities;

9º the revenues and expenditure projections of public institutions;

10º the amount of dividends paid by companies in which the State holds shares and the part of the amount which will go to the budget;

11º the securities issued by the Government;

12º the gender budget statement.

The Parliament shall submit comments on the Budget Framework Paper to the Cabinet.

Such comments shall be submitted to the Cabinet not later than 30th May of the current fiscal year.

6º les lignes directrices sur transferts destinés à des entités décentralisées ;

7º les revenus générés en interne et les dépenses connexes prévus des entités de l'administration centrale;

8º les résumés consolidés des recettes et dépenses des entités décentralisées;

9º les recettes des établissements publics et les projections des dépenses;

10º le montant des dividendes payés par les sociétés dont l'Etat est actionnaire et la partie du montant qui est versée au budget;

11º les garanties sur les emprunts contractés par l'Etat;

12º la situation du budget en rapport avec le genre.

Le Parlement soumet au Conseil des Ministres des observations sur le document cadre du budget.

Ces observations sont soumises au Conseil des Ministres au plus tard le 30 mai de l'exercice financier en cours.

**<u>Ingingo ya 33</u>: Igenwa ry'amafaranga yinjira mu ngengo y'imari**

Amafaranga ateganywa kwinjira mu ngengo y'imari y'inzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta cyangwa iy'inzego z'ibanze agomba gutondekwa hakurikijwe uburyo bwemewe mu rwego mpuzamahanga bwerekeye urutonde rw'amafaranga yinjira mu ngengo y'imari.

Amafaranga ateganwa kwinjira mu ngengo y'imari y'inzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta cyangwa iy'inzego z'ibanze atorwa hakurikijwe imitwe, n'ingingo ateganywamo.

Ku mpamvu z'igena ry'ingengo y'imari mu nzego z'ibanze, ibihinduka mu byiciro n'uburyo ingengo y'imari itangwa bishobora gukorwa kugira ngo hagaragazwe imitunganyirize yihariye y'inzego z'ibanze.

Minisitiri amenyeshwa impinduka n'ingaruka bifite kuri raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari.

**<u>Ingingo ya 34</u>: Igenwa ry'amafaranga asohoka mu ngengo y'imari**

Amafaranga ateganywa gukoreshwa n'ubutegetsi bwite bwa Leta cyangwa inzego z'ibanze agomba kuba ashingiye kuri za politiki zisanzweho hakurikijwe ibyihutirwa ku rwego rw'Igihugu byerekanwe mu ngamba z'igihe giciriritse giteganywa n'ibikorwa biteganywa muri icyo gihe.

**<u>Article 33</u>: Format of revenue budget appropriation**

The revenues of Central Government or decentralized entities shall adhere to internationally accepted standards of classification of revenues.

The revenue estimates of Central Government or decentralized entities shall be appropriated according to chapters and articles in which they are provided for.

For appropriation purposes in decentralized entities, variations in classification and presentation of the budget maybe done to reflect particular organization of decentralized entities.

The Minister shall be notified of such variations and their implications on financial reporting.

**<u>Article 34:</u> Determination of expenditure budget appropriation**

The expenditure estimates of the Central Government or decentralized entities shall be based on the existing policies according to national priorities indicated in the medium term strategy and action plan during that period.

**<u>Article 33</u>: Format d'affectation du budget des recettes**

Les prévisions des recettes de l'administration centrale ou des entités décentralisées respectent les normes de classification des recettes internationalement admises.

Les prévisions des recettes de l'administration centrale ou des entités décentralisées sont votées par chapitres et articles dans lesquels elles sont prévues.

Aux fins de dotation dans des entités décentralisées, les variations dans la classification et la présentation du budget peuvent être faites pour refléter l'organisation particulière des entités décentralisées.

Le Ministre est informé des variations et des implications sur le rapport financier.

**<u>Article 34:</u> Determination d'affectation des dépenses budgétaires**

Les prévisions de dépenses de l'administration centrale ou des entités décentralisées sont basées sur les politiques existantes en fonction des priorités nationales indiquées dans la stratégie à moyen terme et son plan d'action pendant cette période.

Amafaranga akoreshwa ku mishinga y'iterambere ateganywa mu ngengo y'imari ya Leta mu buryo bwemera gahunda zikorwa ku myaka myinshi ariko amafaranga azigenewe agasohorwa buri mwaka.

Amafaranga ateganyijwe gukoreshwa mu ngengo y'imari ategurwa n'inzego za Leta zigenerwa ingengo y'imari, hashingiwe ku mutungo uhari n'imirongo ngenderwaho itangwa na Minisitiri.

Uretse za Minisiteri n'izindi nzego zashyizweho n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, inzego zose za Leta zigenerwa ingengo y'imari n'itegeko ry'ingengo y'imari ya Leta zishyirwaho binyuze mu itegeko ryihariye.

Amafaranga ateganywa gukoreshwa mu ngengo y'imari ya buri rwego rwa Leta rugenerwa ingengo y'imari atunganywa mu buryo butondeka za gahunda, ibyiciro by'ubukungu n'iby'ibikorwa, hakurikijwe uburyo bwemewe mu rwego mpuzamahanga bwerekeye urutonde rw'amafaranga asohoka mu ngengo y'imari.

**<u>Ingingo ya 35:</u> Iyemezwa ry'umushinga w'Itegeko rishyiraho Ingengo y'Imari**

Minisitiri ashyikiriza Inama y'Abaminisitiri umushinga w'itegeko rigena ingengo y'imari kugira ngo wemezwe mbere yo kuwushyikiriza Inteko Ishinga Amategeko.

Hakurikijwe ingingo ya 79 y'Itegeko Nshinga

Expenditures relating to development projects shall be provided for in the State budget in the form of multi-year allocations and implemented through annual payments drawn from allocated credits.

Expenditure estimates shall be prepared by public entities, basing on the available resources and the guidelines issued by the Minister.

Except for the Ministries and other entities established by the Constitution of the Republic of Rwanda, all public entities that allocated a budget in the State Finance Law shall be established through a specific law.

Expenditure estimates of each public entity shall be organized in a programmatic, economic and functional classification, in line with international accepted classification standards of expenditures.

**<u>Article 35</u>: Approval of Finance Bill**

The Minister shall present the Finance Bill to the Cabinet for approval before submission to the Parliament.

In accordance with Article 79 of the

Les dépenses d'investissement dans les projets de développement sont prévues dans le budget de l'Etat sur base des programmes pluriannuels et exécutées chaque année.

Les prévisions de dépenses sont préparées par des entités publiques, selon les ressources disponibles et les lignes directrices émises par le Ministre.

Excepté les Ministères et autres entités établies par la Constitution de la République du Rwanda, toutes entités publiques ayant un budget alloué dans la loi des finances de l'État sont créées par une loi spécifique.

Les prévisions de dépenses de chaque entité publique intègrent la classification programmatique, économique et fonctionnelle, en accord avec les normes internationales de classification du budget des dépenses.

**<u>Article 35:</u> Approbation du projet de loi des finances**

Le Ministre présente le projet de loi des Finances au Conseil des Ministres pour approbation avant de le soumettre au Parlement.

Conformément à l'article 79 de la Constitution

rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, uwo mushinga umaze kwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri, Minisitiri awushyikiriza Inteko Ishinga Amategeko bitarenze itariki ya 15 Kamena ya buri mwaka.

Mbere y'uko ingengo y'imari ya Leta yemezwa burundu, Sena igomba gushyikiriza Umutwe w'Abadepite icyo ivuga ku mushinga w'ingengo y'imari ya Leta.

Umutwe w'Abadepite utora Itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta mbere y'itariki ya 30 Kamena ya buri mwaka.

Ingengo y'imari ya Leta imaze kwemezwa n'Umutwe w'Abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko itangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**Ingingo ya 36: Imiterere y'ingengo y'imari y'inzego z'ibanze**

Mu nzego z'ibanze, amafaranga akoreshwa agenwa hashingiwe ku ngamba z'uko amafaranga y'inzego z'ibanze akoreshwa ateganyijwe gusohoka kandi hakanashingirwa ku ngamba za Leta mu gihe giciriritse.

Imiterere n'inyandiko zerekeye ingengo y'imari y'inzego z'ibanze, harimo n'uko amafaranga asohoka angana kugira ngo yemezwe, bikurikiza amahame rusange akoreshwa mu bireba ingengo

Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, the Minister, following Cabinet's approval, shall submit the Finance Bill to the Parliament not later than 15th June of each year.

Before the approval of the State Budget, the Senate shall submit to the Chamber of Deputies its opinion on the Finance Bill.

The Chamber of Deputies shall adopt the Finance Law before 30th June of each year.

Once the budget is approved by the Chamber of Deputies of the Parliament, it shall be published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Article 36: Budget format of decentralized entities**

The expenditure estimates in decentralized entities, shall be based on existing and proposed expenditure policies of decentralized entities and in conformity with medium term strategies established by the State.

The organization and documentation of the budget of decentralized entities, including the amount of the expenditures to be approved, shall follow the general principles relating to

de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, le Ministre, après l'approbation du Conseil des Ministres, soumet le projet de loi des finances au Parlement au plus tard le 15 juin de chaque année.

Avant l'adoption du budget de l'Etat, le Sénat soumet à la Chambre des Députés son avis sur le projet de loi de finances.

La Chambre des Députés adopte la loi des Finances avant le 30 juin de chaque année.

Une fois le budget adopté par la Chambre des Députés du Parlement, il est publié au Journal Officiel de la République du Rwanda.

**Article 36: Canevas du budget des entités décentralisées**

Les prévisions des dépenses dans les entités décentralisées sont basées sur les politiques de prévisions de dépenses existantes des entités décentralisées et ce, en conformité avec des stratégies à moyen terme fixées par l'État.

La présentation et la documentation du budget des entités décentralisées, y compris le niveau des dépenses devant être approuvées, se conforment aux principes généraux relatifs au

y'imari ya Leta, uretse ibihinduka kugira ngo hagaragare imiterere yihariye y'inzego z'ibanze.

**Ingingo ya 37: Imiterere y'ingengo y'imari y'ibigo bya Leta**

Ku bireba ibigo bya Leta, uburyo bwo gutondeka mu byiciro no gutegura inyandiko y'ingengo y'imari bigomba kwemezwa n'inzego zibifitiye ububasha hakurikijwe amahame rusange akoreshwa ku bireba ingengo y'imari y'inzego za Leta.

**Ingingo ya 38: Ibikubiye mu mushinga w'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta**

Umushinga w'itegeko rishyiraho ingengo y'imari ushyikirizwa Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko ugomba kubamo:

1º umushinga w'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta;

2º incamake n'ibisobanuro birambuye by'amafaranga yinjira ateganyijwe. Amafaranga yinjira ateganyijwe agomba kubamo:

a) amafaranga y'ingengo y'imari ateganyijwe ku mwaka w'ingengo y'imari ugezweho;

b) imibare igaragaza ibiteganywa ku myaka ibiri (2) ikurikira uwo mwaka w'ingengo y'imari;

State budget, except with variations in order to reflect particular organization of the decentralized entities.

**Article 37: Budget format of public institutions**

With regard to public institutions, classification and presentation of documentation of the budget shall be approved by competent organs in accordance with the general principles relating to the budget of public entities.

**Article 38: Contents of the Finance Bill**

The Finance Bill submitted to both Chambers of the Parliament shall contain:

1º the draft State Finance Law;

2º the detailed and summary estimates of revenues, including:

a) the revenue estimates for the current fiscal year;

b) the data projections for the two (2) years following the fiscal year;

budget de l'État, à l'exception des variations en vue de refléter l'organisation particulière des entités décentralisées.

**Article 37: Canevas du budget des établissements publics**

Pour les établissements publics, la classification et la présentation des documents du budget sont approuvées par les organes compétents conformément aux principes généraux relatifs au budget des entités publiques.

**Article 38: Contenu du projet de loi des finances**

Le projet de loi des finances soumis aux deux Chambres du Parlement doit contenir:

1º le projet de loi des finances de l'Etat;

2º des prévisions détaillées et un résumé des recettes, comprennant:

a) les prévisions budgétaires pour l'exercice budgétaire en cours;

b) les données des projections pour les deux (2) années qui suivent l'exercice budgétaire ;

3º incamake n'ibisobanuro birambuye by'amafaranga ateganywa gukoreshwa. Amafaranga ateganwa gukoreshwa aba arimo:

a) ingengo y'imari iteganyijwe ku mwaka w'ingengo y'imari ugezweho;

b) imibare igaragaza ibiteganywa ku myaka ibiri ikurikira uwo mwaka w'ingengo y'imari.

4º incamake n'ibisobanuro birambuye by'ubutegetsi bwite bwa Leta ku mafaranga yohererezwa inzego z'ibanze;

5º ibiteganywa byerekeye umwenda wa Leta;

6º incamake y'ikinyuranyo cy'ingengo y'imari giteganyijwe, byose ku mwaka w'ingengo y'imari ugezweho hamwe n'ibiteganywa ku myaka ibiri ikurikira uwo mwaka w'ingengo y'imari ya Leta.

**<u>Ingingo ya 39</u>: Ibikubiye mu mushinga w'ingengo y'imari y'inzego z'ibanze**

Mu nzego z'ibanze, inyandiko y'umushinga w'ingengo y'imari yashyikirijwe Inama Njyanama igomba kubamo:

1º umushinga w'icyemezo cy'Inama

3º the detailed and summary estimates of expenditures, including:

a) the expenditure estimates for the current fiscal year;

b) the expenditure projections for the two years following the fiscal year.

4º the summary and detailed estimates of Central Government transfers to decentralised entities;

5º the projections relating to public debt;

6º the summary estimates of the budget balance, both for the current fiscal year and the projections for the two years following that fiscal year.

**<u>Article 39:</u> Contents of the draft budget for decentralized entities**

In decentralised entities, the draft budget document submitted to the Councils shall contain:

1º the draft Council decision

3º les prévisions détaillées et un résumé des dépenses, comprennant:

a) les prévisions budgétaires pour l'exercice budgétaire en cours ;

b) les données des projections pour les deux années qui suivent l'exercice budgétaire.

4º le résumé et les prévisions détaillées des transferts de l'administration centrale aux entités décentralisées;

5º les projections relatives à la dette publique;

6º les prévisions sommaires du solde budgétaire, à la fois pour l'exercice financier en cours et les prévisions pour les deux années qui suivent cet exercice budgétaire.

**<u>Article 39:</u> Contenu du projet de budget pour les entités décentralisées**

Dans les entités décentralisées, le projet de document budgétaire présenté aux Conseils contient:

1º le projet de décision du Conseil

Njyanama gishyiraho ingengo y'imari;

2º incamake n'ibisobanuro birambuye by'amafaranga yinjira ateganyijwe. Amafaranga yinjira ateganyijwe agomba kubamo:

a) amafaranga yinjira ateganyijwe ku mwaka w'ingengo y'imari ugezweho;

b) imibare igaragaza ibiteganywa ku myaka ibiri ikurikira uwo mwaka w'ingengo y'imari;

3º incamake n'ibisobanuro birambuye by'amafaranga ateganyijwe gukoreshwa. Amafaranga asohoka ateganyijwe agomba kubamo:

a) ingengo y'imari iteganyijwe ku mwaka w'ingengo y'imari ugezweho;

b) imibare iteganywa ku myaka ibiri ikurikira uwo mwaka w'ingengo y'imari;

4º incamake n'ibisobanuro birambuye by'amafaranga ateganyijwe kwinjira n'aho aturuka, harimo ayoherezwa n'ubutegetsi bwite bwa Leta n'ayo urwego rw'ibanze rwiyinjiriza;

5º incamake n'ibisobanuro by'amafaranga

determining the budget;

2º the detailed and summary estimates of revenues, including:

a) the revenue estimates for the fiscal year;

b) the revenue projections for the two years following the fiscal year;

3º detailed and summary estimates of expenditures, including:

a) the expenditure estimates for the current fiscal year;

b) the expenditure projections for the two years following the fiscal year;

4º the summary and detailed estimates of revenues by source, including transfers from Central Government and own revenues;

5º the summary and detailed estimates

déterminant le budget;

2º des prévisions détaillées et un résumé des recettes, comprennant:

a) les prévisions budgétaires pour l'exercice financier en cours;

b) les données des projections pour les deux années qui suivent l'exercice financier ;

3º les prévisions détaillées et un résumé des dépenses, comprennant:

a) les prévisions budgétaires pour l'exercice budgétaire en cours;

b) les données des projections pour les deux années qui suivent cet exercice budgétaire ;

4º le résumé et les prévisions détaillées des recettes par sources, y compris les transferts de l'administration centrale et des recettes propres;

5º le résumé et les prévisions détaillées

asohoka ateganyijwe n'aho aturuka, harimo asohoka aturutse ku yinjiye, aturutse ku bikorwa byayo n'ayoherezwa na Leta.

**Ingingo ya 40: Iyemezwa ry'ingengo y'imari y'Inzego z'Ibanze**

Komite Nyobozi yemeza umushinga w'ingengo y'imari mbere y'uko wohererezwa Inama Njyanama.

Uburyo iyemezwa ry'ingengo y'imari rikorwa mu nzego z'ibanze muri rusange bukurikiza uko bigenda mu butegetsi bwite bwa Leta, ariko hari ibihinduka kugira ngo hagaragare imiterere yihariye y'inzego z'ibanze.

Igihe umushinga w'ingengo y'imari y'urwego rw'ibanze wamaze kwemezwa n'Inama Njyanama, utangazwa binyuze mu binyamakuru harimo no kubitangaza ku mbuga y'ikoranabuhanga y'urwego rw'ibanze.

**Ingingo ya 41: Ivugurura ry'ingengo y'imari**

Bishingiye kuri raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari ya buri mezi atandatu nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 65 y'iri tegeko ngenga, Minisitiri cyangwa umuyobozi wa Komite Nyobozi y'urwego rw'ibanze ashobora gushyikiriza Umutwe w'Abadepite cyangwa Inama Njyanama y'urwego rw'ibanze imishinga y'ingengo y'imari ivuguruye, hamwe

of expenditures by source, including expenditures funded from own revenues, by own activities and Central Government transfers.

**Article 40: Approval of the budget of decentralized entities**

The Executive Committee shall approve the draft budget before submission to the Council.

The approval process of the budget in decentralised entities shall, in principle, follow the same procedures as for the Central Government, with variations to reflect particular conditions of decentralised entities.

When the draft budget of a decentralized entity is approved by the Council, it shall be made public through appropriate media including publication on the entity website.

**Article 41: Revision of the budget**

Basing on the mid- year budget execution report as provided for under Article 65 of this Organic Law, the Minister or the Chairperson of the Executive Committee of the decentralized entity may submit a revised draft budget, proposals for policy revision of revenue and expenditure and related estimates to the Chamber of Deputies or to the Council

des dépenses par source, y compris les dépenses financées par les recettes propres, les activités propres et les transferts de l'administration centrale.

**Article 40: Approbation du budget des entités décentralisées**

Le Comité Exécutif approuve le projet de budget avant sa présentation au Conseil.

Le processus d'approbation du budget au niveau des entités décentralisées respecte, en principe, les mêmes procédures que pour l'administration centrale, avec des variations pour refléter l'organisation particulière des entités décentralisées.

Lorsque le projet de budget d'une entité décentralisée est approuvé par le Conseil, il doit être rendu public par les moyens appropriés, y compris la publication sur le website de l'entité.

**Article 41: Révision du budget**

A la revue semestrielle de l'exécution du budget visée à l'article 65 de la présente loi organique, le Ministre ou le Président du Comité Exécutif de l'entité décentralisée peut soumettre à la Chambre des Députés ou au Conseil de cette entité des projets de budget révisé, des propositions de révision de la politique des recettes et des dépenses et les

n'imishinga yo kuvugurura politiki yo kwinjiza amafaranga no kuyakoresha n'andi mafaranga ateganyijwe ajyana na byo.

Ibisabwa kuvugururwa bigomba kuba bihuje n'ingamba zemejwe mu gihe giciriritse hamwe na gahunda y'ingengo y'imari yemejwe muri icyo gihe. Iyo binyuranyije na gahunda y'ingengo y'imari yemejwe, impamvu zigomba kumenyeshwa Umutwe w'Abadepite cyangwa Inama Njyanama y'urwego rw'ibanze.

Ingengabihe yo gushyikiriza umushinga w'itegeko rigena ingengo y'Imari ivuguruye Inama y'Abaminisitiri ndetse n'Umutwe w'Abadepite no kuwemeza bigenwa n'amabwiriza yihariye agamije gushyira mu bikorwa iri tegeko ngenga.

Ingengo y'imari ivuguruye igaragaza mu buryo burambuye uko ingengo y'imari y'ingoboka yakoreshejwe.

Ingengo y'imari ivuguruye ishyikirizwa Umutwe w'Abadepite cyangwa Inama Njyanama kugira ngo yemezwe, kandi itegurwa mu buryo bumwe n'ingengo y'imari y'ibanze.

Mbere y'uko ingengo y'imari ya Leta ivuguruye yemezwa, Sena igomba gushyikiriza Umutwe w'Abadepite icyo ivuga ku mushinga w'itegeko ry'ingengo y'imari ya Leta ivuguruye.

Ingengo y'imari ivuguruye y'ubutegetsi bwite

of such an entity.

The proposed changes shall be consistent with the approved medium-term strategies and budget framework. If they are different from the approved budget framework, the reasons thereof shall be notified to the Cabinet and Chamber of Deputies or to the Council of the decentralized entity.

The timetable for submission and approval of the Revised budget by the Cabinet and the Chamber of Deputies shall be stipulated in regulations meant for the application of this Organic Law.

The revised budget shall provide details on how the emergency reserve budget was used.

The revised budget shall be submitted to the Chamber of Deputies or to the Council for approval, and prepared in the same manner as the original budget.

Aux termes d'un accord écrit conclu avec le Ministre, la Banque Nationale du Rwanda fournit tous les services nécessaires à l'exécution des décisions en matière de gestion efficace de la dette publique.

**Article 58: Investissement des fonds publics**

Le Ministre peut investir des fonds publics dans des sociétés et des institutions financières. Les propositions de ces investissements doivent être incluses dans le budget annuel.

Le Ministre peut, après avis du Comité de Gestion du Trésor et pour une courte période,

ashobora gushora amafaranga y'ikirenga kuri Konti imwe rukumbi y'Ikigega cya Leta, mu mitungo yakoreshwa ku gihe gito, kandi akabimenyesha Inama y'Abaminisitiri.

Amafaranga akomotse kuri iryo shoramari ry'amafaranga ya Leta ashyirwa kuri Konti imwe rukumbi y'Ikigega cya Leta.

Urwego rw'Ibanze rushobora gushora imari mu masosiyete no mu bigo by'imari, hakurikijwe ibisabwa n'imirongo ngenderwaho biteganywa mu mabwiriza yerekeye imari.

Ibikurikizwa mu ishoramari n'ibindi bireba ishoramari bigenwa mu iteka rya Minisitiri.

**__Ingingo ya 59__: Ishoramari mu mishinga ya Leta**

Gushora imari mu mishinga ya Leta bikorwa hashingiwe kuri politiki y'ishoramari rya Leta. Imicungire y'imishinga ya Leta mu rwego rw'imari bigenwa n'iteka rya Minisitiri.

**__Ingingo ya 60 :__ Imicungire ya za konti mu nzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta**

Amafaranga yinjiye yose y'ubutegetsi bwite bwa Leta ahurizwa hamwe kuri Konti imwe rukumbi y'Imari ya Leta muri Banki Nkuru y'u Rwanda.

short period, invest surplus funds in the Treasury Single Account, in short term liquid asset, and inform Cabinet.

The proceeds from investment of public funds shall be deposited in the Treasury Single Account.

A decentralized entity may invest funds in companies and financial institutions, subject to the criteria and guidelines provided for in financial regulations.

The procedures for investment and other matters relating to investments shall be determined by an Order of the Minister.

**__Article 59__: Investments in Government projects**

Investing in Government projects shall be based on the Government policy of investment. An Order of the Minister shall determine the financial management of Government projects.

**__Article 60__: Management of bank accounts in Central Government entities**

All Central Government revenues shall be credited into a single Treasury Account in the National Bank of Rwanda.

investir des fonds excédentaires dans le Compte Unique du Trésor, dans des avoirs liquides à court terme, et informer le Conseil des Ministres.

Les intérêts générés par cet investissement des fonds publics sont déposés sur le compte unique du Trésor.

Une entité décentralisée peut investir des fonds dans des sociétés et des institutions financières, conformément aux critères et aux lignes directrices prévus dans les règlements financiers.

Les procédures et les autres questions relatives à l'investissement et aux investissements sont déterminées par arrêté du Ministre.

**__Article 59__: Investissements dans les projets du Gouvernement**

L'investissement dans les projets du Gouvernement est basé sur la politique gouvernementale d'investissement. Un arrêté du Ministre régit la gestion financière des projets du Gouvernement.

**__Article 60__: Gestion des comptes bancaires dans les entités de l'administration centrale**

Toutes les recettes de l'administration centrale sont créditées sur un compte unique du Trésor logé à la Banque Nationale du Rwanda.

Minisitiri agomba kugenzura buri gihe ko iyo konti iriho amafaranga ahagije mbere yo kwemera ko ivanwaho amafaranga yishyurwa.

Konti imwe rukumbi y'Imari ya Leta ishobora kugira izindi konti ntoya ziyishamikiyeho zo gukoresha mu kwishyura imirimo yihariye ya Leta.

Iyo bibaye ngombwa, hashobora gufungurwa konti zinyuraho amafaranga ya Leta mu zindi banki byemejwe na Minisitiri.

Mu izina rya Leta, Minisitiri ashobora kugirana amasezerano na banki iyo ariyo yose cyangwa ibigo by'imari ku birebana no kwakira, kubika, kwishyura cyangwa guhererekanya amafaranga ya Leta, cyangwa ikindi gikorwa cyose kijyanye n'imikoranire ya Leta na banki n'ibigo by'imari.

Nta konti y'urwego rw'Ubutegetsi bwite bwa Leta ifungurwa muri banki, haba mu gihugu cyangwa mu mahanga, nta ruhushya rwanditse rwa Minisitiri.

Umukozi wa Leta wese wakiriye amafaranga ya Leta ahita ayashyira vuba kuri konti yagenwe muri banki cyangwa mu bigo by'imari.

Ibikurikizwa mu gucunga za konti mu nzego za Leta bigenwa mu mabwiriza yerekeye imari.

The Minister shall ensure that there are sufficient funds in the Single Treasury Account before payments are authorized.

The Single Treasury Account may include sub-accounts for specific government transactions.

Where necessary, Treasury transit accounts may be opened in other banks upon approval by the Minister.

The Minister, on behalf of the State, may enter into an agreement with any bank or financial institution on matters related to receipt, custody, payment or transfers of public funds, or any other matter related to Government transactions with banks and financial institutions.

No bank account of a Central Government entity shall be opened, whether in or out of the Country, without prior written authorization of the Minister.

Any public officer who receives public funds shall promptly deposit them in a designated account in a bank or financial institution account.

The procedures for management of bank accounts in public entities shall be determined in the financial regulations.

Le Ministre veille à ce que, en toute circonstance, des fonds suffisants soient sur le Compte unique du Trésor avant l'autorisation des décaissements.

Le Compte unique du Trésor peut comporter des sous-comptes destinés à des opérations spécifiques du Gouvernement.

S'il s'avère nécessaire, les comptes de transit du Trésor peuvent être ouverts dans d'autres banques sur accord du Ministre.

Le Ministre, au nom de l'Etat, peut conclure un accord avec n'importe quelle banque ou institution financière pour la réception, la garde, le paiement ou le transfert de fonds publics ou toute autre question relative aux relations entre le Gouvernement et les banques ou les institutions financières.

Aucun compte bancaire d'une entité de l'administration centrale ne peut être ouvert, que ce soit dans le pays ou à l'étranger, sans l'autorisation préalable écrite du Ministre.

Tout agent public qui reçoit des fonds publics doit les déposer immédiatement sur un compte désigné d'une banque ou d'une institution financière.

Les procédures de gestion des comptes bancaires dans les entités publiques sont déterminées par des règlements financiers.

**Ingingo ya 61: Imicungire ya za konti muri banki mu Nzego z'Ibanze**

Ku rwego rw'ibanze, gufungura konti muri banki no mu bigo by'imari byemerwa mu nyandiko na Minisitiri.

Ashingiye ku ruhushya rwa Minisitiri, Umuyobozi wa Komite Nyobozi ashobora kugirana amasezerano na banki y'ubucuruzi n'ibigo by'imari yo gufungura konti yo kwakira, kubika no kwishyura amafaranga ajyana n'imikoranire y'urwego rw'ibanze na banki.

Umuyobozi mukuru ushinzwe gucunga ingengo y'imari ya Leta ku rwego rw'ibanze agenzura buri gihe ko amafaranga ahagije kuri konti muri banki no mu bigo by'imari mbere yo gutanga uruhushya rwo kwishyura.

Umukozi wese wa Leta wakira amafaranga ya Leta ajyana n'urwego rw'ibanze yihutira kuyashyira kuri konti yagenwe muri banki cyangwa mu kigo cy'imari.

Ibikurikizwa mu gucunga za konti mu nzego z'ibanze bigenwa mu mabwiriza yerekeye imari.

**Article 61: Management of bank accounts in decentralized entities**

For a decentralized entity, opening of a bank or financial institution account shall require prior written approval by the Minister.

With the approval of the Minister, the Chairperson of the Executive Committee may enter into an agreement with a commercial bank or financial institution on the receipt, custody, and payment of money pertaining to the decentralized entity transactions with the bank.

The Chief Budget Manager of the decentralized entity shall ensure that there are sufficient funds in their bank and financial institution account before any payment is authorized.

Any public officer who receives public funds relating to a decentralized entity shall promptly deposit them in a designated account in a bank or financial institution.

The procedures for management of bank accounts in decentralized entities shall be determined in financial regulations.

**Article 61: Gestion des comptes bancaires dans des entités décentralisées**

Pour une entité décentralisée, l'ouverture d'un compte dans une banque ou une institution financière exige l'approbation préalable écrite du Ministre.

Avec l'approbation du Ministre, le Président du Comité Exécutif peut conclure un accord avec une banque commerciale ou une institution financière sur la réception, la garde et le paiement d'argent concernant les transactions de l'entité décentralisée avec la banque.

Le Gestionnaire Principal du Budget de l'entité décentralisée s'assure qu'il y a des fonds suffisants sur leur compte en banque ou dans l'institution financière avant d'autoriser tout paiement.

Tout agent public qui reçoit des fonds publics en rapport avec une entité décentralisée doit les déposer immédiatement sur un compte désigné d'une banque ou d'une institution financière.

Les procédures de gestion des comptes bancaires dans des entités décentralisées sont déterminées dans les règlements financiers.

**UMUTWE WA VI: IBARURAMARI, RAPORO Z'IMARI N'IGENZURAMUTUNGO**

**Ingingo ya 62: Amabwiriza agenga ibaruramari**

Bitabangamiye amategeko, iteka rya Minisitiri rigena amabwiriza agenga ibaruramari akurikizwa ku nzego za Leta zose.

Imiterere, igihe n'ibikubiye muri raporo zikorwa mu nzego za Leta bigenwa mu mabwiriza yerekeye imari.

**Ingingo ya 63: Biro y'Umucungamari Mukuru**

Umucungamari Mukuru ashinzwe gukurikirana no guhuza ibikorwa by'icungamari, gushyiraho no guteza imbere iyubahirizwa ry'amabwiriza mu gutanga za raporo z'icungamutungo n'iz'imari bikurikizwa n'inzego za Leta.

Inshingano zihariye n'imikorere bya biro y'Umucungamari Mukuru biteganywa mu mabwiriza atangwa na Minisitiri.

**Ingingo ya 64: Ibikurikizwa mu gufunga ibitabo by'ibaruramari umwaka urangiye**

Mbere y'irangira ry'umwaka w'ingengo

**CHAPTER VI: ACCOUNTING, REPORTING AND AUDIT**

**Article 62: Accounting standards**

Without prejudice to legal provisions, an Order of the Minister shall determine the accounting standards and policies applicable to all public entities.

The format, content and frequency of reporting by public entities shall be prescribed in the financial regulations.

**Article 63: Office of the Accountant General**

The Accountant General shall be responsible for monitoring and coordinating accounting activities and for setting and promoting compliance with the accounting and financial reporting standards applicable to public entities.

The specific responsibilities and functioning of the office of the Accountant General shall be provided for in the regulations issued by the Minister.

**Article 64: Year-end procedures for closing books of accounts**

Before the end of the fiscal year, the

**CHAPITRE VI: COMPTABILITE, ETATS FINANCIERS ET AUDIT**

**Article 62: Normes comptables**

Sans préjudice des dispositions légales, un arrêté du Ministre fixe les normes comptables applicables à toutes les entités publiques.

Le canevas, le contenu et la fréquence des rapports des entités publiques sont prescrits par les règlements financiers.

**Article 63: Bureau du Comptable Général**

Le Comptable Général est responsable du suivi et de la coordination des activités de comptabilité ainsi que de la mise en place et de la promotion du respect des normes de présentation des rapports comptables et financiers applicables aux entités publiques.

Les responsabilités spécifiques et le fonctionnement du bureau du Comptable Général sont prévus dans les règlements édictés par le Ministre.

**Article 64: Procédures de clôture des livres de comptes à la fin de l'année**

Avant la fin de l'exercice budgétaire, le

y'imari, Umucungamari Mukuru atanga amabwiriza yerekeye ibikurikizwa mu gufunga ibitabo by'ibaruramari no gutegura za raporo z'umwaka zerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'umwaka, raporo y'imari na raporo y'ibyakozwe.

**<u>Ingingo 65:</u> Raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari**

Inzego zose za Leta zitegura kandi zigashyikiriza Minisitiri za raporo z'igihembwe zerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari.

Ibigo bya Leta bitanga raporo z'igihembwe zo gushyira mu bikorwa ingengo y'imari zimaze kwemezwa n'ubuyobozi bireba bubifitiye ububasha.

Buri gihembwe, Minisitiri ategura kandi agashyikiriza Inama y'Abaminisitiri raporo ihujwe ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari.

Minisitiri ategura kandi agashyikiriza Umutwe w'Abadepite binyuze mu Nama y'Abaminisitiri, raporo ihujwe y'amezi atandatu ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari ya Leta.

Imiterere n'ibikubiye muri raporo y'ishyirwa mu bikorwa by'ingengo bigenwa mu mabwiriza yerekeye imari ya Leta

Accountant General shall issue directives concerning the procedures of closing the books of accounts and preparing annual budget execution reports, financial statements and activity reports.

**<u>Article 65</u>: Budget execution report**

All public entities shall prepare and submit their quarterly budget execution reports to the Minister.

Public institutions shall submit their quarterly budget execution reports after approval by the relevant competent authority.

On a quarterly basis, the Minister shall prepare and submit a consolidated budget execution report to Cabinet.

The Minister shall prepare and submit through Cabinet, a mid-year consolidated budget execution report to the Chamber of Deputies.

The format and content of the budget execution reports shall be prescribed in the financial regulations.

Comptable Général donne des directives sur les procédures de clôture des livres de comptes et la préparation des rapports annuels sur l'exécution du budget, les états financiers et le rapport d'activités.

**<u>Article 65:</u> Rapport d'exécution du budget**

Toutes les entités publiques préparent et soumettent au Ministre leurs rapports trimestriels d'exécution du budget.

Les établissements publics soumettent leurs rapports trimestriels d'exécution du budget après approbation par l'autorité compétente.

Trimestriellement, le Ministre prépare et soumet au Conseil des Ministres le rapport consolidé de l'exécution du budget.

Le Ministre prépare et soumet à la Chambre des Députés via le Conseil des Ministres le rapport semestriel consolidé de l'exécution budgetaire.

Le format et le contenu des rapports d'exécution budgétaire sont fixés dans le règlement financier.

**Ingingo ya 66: Itegurwa n'itangwa rya raporo y'imari rikorwa n'Inzego za Leta**

Inzego za Leta zitegura kandi zigashyikiriza Minisiteri raporo z'ibaruramari buri kwezi bitarenze umunsi wa cumi na gatanu (15) ukurikira ukwezi kurangiye.

Inzego za Leta zitegura kandi zigashyikiriza Minisiteri raporo z'ibaruramari z'umwaka mu gihe cy'ukwezi kumwe uhereye igihe umwaka w'ingengo y'imari urangiye.

Ibigo bya Leta bitanga raporo z'ibaruramari buri gihembwe zimaze kwemezwa n'ubuyobozi bireba bubifitiye ububasha. Ibigo bya Leta bitegura kandi bigatanga raporo z'ibaruramari zabyo z'umwaka mu gihe cy'amezi abiri (2) uhereye igihe umwaka w'ingengo y'imari urangiye.

Inzego za Leta zose zigenerwa ingengo y'imari ya Leta zishyikiriza Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta raporo z'ibaruramari z'umwaka bitarenze tariki ya 30 Nzeri y'umwaka w'ingeno y'imari ukurikiyeho.

Ibikurikizwa mu micungire y'imari, ibaruramari n'uko ibigo bishamikiye ku nzego za Leta bitanga raporo biteganywa mu iteka rya Minisitiri.

Mu gihe cy'igenzura rya za raporo z'ibaruramari z'inzego za Leta na za raporo

**Article 66: Preparation and submission of financial statements by public entities**

Public entities shall prepare and submit monthly financial statements to the Ministry by the fifteenth (15th) day following the end of the month.

The public entities shall also prepare and submit to the Ministry annual financial statements in a period of one month from the end of the fiscal year.

Public institutions shall submit their financial statements on a quarterly basis after approval by the relevant competent authority. Public institutions shall also prepare and submit their annual financial statements in a period of two (2) months from the end of the fiscal year.

All public entities shall submit their annual financial statements to the Auditor General of State Finances not later than 30 September of the following fiscal year.

The procedures for financial management, accounting and reporting by subsidiary entities shall be provided for in an Order of the Minister.

During the audit of the financial statements of public entities and the consolidated financial

**Article 66: Préparation et transmission des états financiers par des entités publiques**

Les entités publiques préparent et transmettent les états financiers mensuels au Ministère au plus tard le quinzième (15ème) jour suivant la fin du mois.

Les entités publiques préparent et transmettent au Ministère des états financiers annuels dans un délai d'un mois à partir de la fin de l'exercice budgétaire.

Les établissements publics transmettent trimestriellement leurs états financiers, après approbation de ces derniers par l'autorité compétente. Les établissements publics préparent également et transmettent leurs états financiers annuels dans une période de deux (2) mois à partir de la fin de l'exercice budgétaire.

Toutes les entités publiques soumettent leurs états financiers annuels à l'Auditeur Général des Finances de l'Etat au plus tard le 30 septembre de l'exercice budgétaire suivant.

Les procédures pour la gestion financière, la comptabilité et la présentation des rapports par les entités subsidiaires sont prévues dans un arrêté du Ministre.

Lors de l'audit des états financiers des entités publiques et des états financiers consolidés,

z'ibaruramari zahujwe, urwego rwa Leta na Minisiteri bireba, byumvikanye n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta, bishobora gukora ubugororangingo bwa ngombwa mu rwego rwo kwerekana neza uko imari y'ikigo cyangwa iya Leta ihagaze. Aho ubugororangingo bwa za raporo z'ibaruramari z'urwego rwa Leta bwakozwe mbere y'irangizwa ry'igenzura rya za raporo z'ibaruramari zahujwe, ubwo bugororangingo bumenyeshwa Minisiteri kugira ngo horoshywe ubugororangingo bujyana na bwo muri za raporo z'imari zahujwe.

Uburyo bwihariye bwo gukora raporo z'ibaruramari n'ibikubiyemo bigenwa n'amabwiriza yerekeye imari.

**<u>Ingingo ya 67</u>: Itegurwa n'itangwa rya za raporo zihujwe zerekeye ibaruramari**

Minisitiri ategura kandi agashyikiriza Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta za raporo z'ibaruramari bitarenze tariki ya 30 Nzeri y'umwaka w'ingengo y'imari ukurikiyeho.

Raporo y'ibaruramari ihujwe ikubiyemo iy'inzego z'Ubutegetsi bwite bwa Leta, iy'inzego zigenerwa igice cy'ingengo y'imari mu ngengo y'imari ya Leta n'iy'inzego z'ibanze.

Amakuru yerekeye imari ajyana n'ibigo bya Leta, ishoramari rya Leta n'umwenda wa Leta bishyirwa muri raporo y'ibaruramari

statements, the public entity and the Ministry respectively, may in consultation with the Auditor General of State Finances, effect the necessary adjustments with a view to achieving a fair presentation of the financial position of the entity or Government. Where adjustments of a public entity's financial statements are carried out before finalization of the audit of the consolidated financial statements, these adjustments shall be communicated to the Ministry to facilitate a corresponding adjustment to the consolidated financial statements.

The specific format and content of the financial statements shall be prescribed in the financial regulations.

**<u>Article 67</u>: Preparation and submission of consolidated financial statements**

The Minister shall prepare and submit to the Auditor General of State Finances, not later than 30 September of the following fiscal year, consolidated financial statements.

The consolidated financial statements shall include Central Government entities, extra budgetary entities and decentralized entities.

Financial information relating to public institutions, Government investments and public debt shall be included in the financial

l'entité publique et le Ministère respectivement, peuvent, en consultation avec l'Auditeur Général, effectuer des ajustements nécessaires en vue de parvenir à une présentation juste de la situation financière de l'entité ou du Gouvernement. Lorsque des ajustements des états financiers d'une entité publique sont réalisés avant la finalisation de l'audit des états financiers consolidés, ils sont communiqués au Ministère pour faciliter un ajustement correspondant aux états financiers consolidés.

Le canevas spécifique et le contenu des états financiers sont fixés dans les règlements financiers.

**<u>Article 67:</u> Préparation et transmission des états financiers consolidés**

Le Ministre prépare et soumet à l'Auditeur Général des Finances de l'Etat les états financiers consolidés au plus tard le 30 septembre de l'exercice budgétaire suivant.

Les états financiers consolidés comprennent les entités du Gouvernement Central, des entités extrabudgétaires et les entités décentralisées.

Les informations financières relatives aux établissements publics, aux investissements publics et à la dette publique sont incluses dans

nk'imigereka.

**Ingingo ya 68: Itegurwa n'itangwa rya za raporo z'umwaka zerekeye ibyakozwe**

Inzego za Leta zose zitegura kandi zigashyikiriza Minisiteri, bitarenze tariki ya 30 Nzeri, raporo y'ibyakozwe ku mwaka ijyana n'umwaka w'ingengo y'imari ubanza.

Raporo y'ibyakozwe itangwa n'urwego rwa Leta igomba kugaragaza uburyo ibyateganyijwe mu iyinjizwa ry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo mu ngengo y'imari byashyizwe mu bikorwa.

Kopi ya raporo y'ibyakozwe mu mwaka igenerwa minisiteri bireba n'Ibiro bya Minisitiri w'Intebe.

Raporo z'ibyakozwe ku mwaka z'ibigo bya Leta zemezwa n'ubuyobozi bubifitiye ububasha mbere y'uko zishyikirizwa Minisiteri.

Uburyo raporo z'ibyakozwe mu mwaka zikorwa n'ibikubiyemo bigenwa mu iteka rya Minisitiri.

**Ingingo ya 69: Igenzurwa rya raporo z'imikoreshereze y'imari n'umutungo bya Leta**

Hubahirijwe ibiteganywa mu ngingo ya 183

statements as annexes.

**Article 68: Preparation and submission of annual activity reports**

All public entities shall prepare and submit to the Ministry not later than 30 September an annual activity report corresponding to the previous fiscal year.

The activity report submitted by the public entity shall specify how plans for gender balance have been implemented.

A copy of the annual activity report shall be reserved to the relevant line ministry and the Prime Minister's office.

The annual activity reports by public institutions shall be approved by the competent authorities before submission to the Ministry.

The format and content of the annual activity report shall be prescribed in an Order of the Minister.

**Article 69: Audit of financial statements**

In respect of provisions of Article 183 of the

les états financiers sous forme d'annexes.

**Article 68: Préparation et transmission des rapports annuels d'activités**

Toutes les entités publiques préparent et soumettent au Ministère, au plus tard le 30 septembre, un rapport annuel d'activités correspondant à l'exercice budgétaire précédent.

Le rapport d'activités soumis par l'entité publique doit montrer comment les prévisions concernant l'aspect du genre ont été exécutées.

Une copie du rapport annuel d'activités est réservée au ministère concerné et au bureau du Premier Ministre.

Les rapports annuels d'activités faits par les établissements publics sont approuvés par les autorités compétentes avant d'être transmis au Ministère.

Le format et le contenu du rapport annuel d'activités sont fixés par arrêté du Ministre.

**Article 69: Audit des états financiers**

Conformément aux dispositions de l'article

y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta rugenzura umutungo wa Leta kimwe n'uw'inzego z'ibanze, ibigo bya Leta, ibigo byegamiye kuri Leta n'imishinga ya Leta.

Rushingiye ku ngingo ya 184 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta rushyikiriza Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi, raporo yuzuye ku ifoto y'umutungo wa Leta irimo imikoreshereze y'imari ya Leta y'umwaka ushize mbere y'itangira ry'igihembwe cyagenewe gusuzuma ingengo y'imari ya Leta y'umwaka ukurikiye.

Iyo raporo igomba kugaragaza uburyo imari yakoreshejwe, amafaranga yakoreshejwe bitari ngombwa cyangwa hadakurikijwe amategeko, niba harabaye inyerezwa cyangwa isesagura ry'umutungo rusange.

Kopi y'iyo raporo ishyikirizwa Perezida wa Repubulika, Guverinoma, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga n'Umushinjacyaha Mukuru.

Mu gihe kitarenze amezi atandatu (6) Inteko Ishinga Amategeko imaze gushyikirizwa raporo y'Umugenzuzi Mukuru ivugwa muri iyi ngingo, iyijyaho impaka ikanayifataho ibyemezo

Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, the Auditor General of State Finances shall carry out an audit of finance and property of the State, decentralized entites, public institutions, parastatal organisations and Government projects.

In accordance with Article 184 of the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, the Office of the Auditor General of State Finances shall submit to both Chambers of Parliament in joint session prior to the commencement of the session devoted to the examination of budget of the following year, a complete report on the balance sheet of the State budget of the previous fiscal year.

The report shall indicate the manner in which the budget was utilized, unnecessary expenses which were incurred or expenses which were contrary to the law and whether there was misappropriation or general squandering of public funds.

A copy of the report shall be submitted to the President of the Republic, Cabinet, President of Supreme Court and Prosecutor General.

The Parliament, after receiving the report of the Auditor General referred to in this Article, shall examine it and take appropriate decisions within a period not exceeding six

183 de la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, l'Auditeur Général des Finances de l'Etat contrôle l'utilisation des finances et du patrimoine de l'Etat, des entités décentralisées, des établissements publics, des établissements para-étatiques et des projets de l'Etat.

Conformément à l'article 184 de la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, l'Office de l'Auditeur Général des Finances l'Etat soumet avant l'ouverture de la session consacrée à l'examen du budget de l'année suivante, au Parlement, les deux Chambres réunies, le rapport sur le bilan des finances de l'Etat qui comprend l'exécution du budget de l'exercice écoulé.

Le rapport doit préciser la manière dont les comptes ont été gérés, les dépenses faites à tort ou irrégulièrement ou s'il y a eu détournement ou dilapidation des deniers publics.

Une copie de ce rapport est addressée au Président de la République, au Gouvernement, au Président de la Cour Suprême et au Procureur Général.

Dans un délai ne dépassant pas six (6) mois, à dater de la réception du rapport de l'Auditeur Général prévu au présent article, le Parlement l'examine et prend des décisions appropriées.

bikwiye.

(6) months.

Inzego n'abayobozi bagenerwa kopi ya raporo y'umwaka y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta bagomba gushyira mu bikorwa ibiyikubiyemo bafata ibyemezo bikwiye, ku makosa n'ibindi bitakurikijwe iyo raporo yerekanye.

Buri muyobozi ushinzwe gucunga imari ya Leta cyangwa umuyobozi w'urwego rwa Leta ashobora gusabwa n'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite, gutanga ibisobanuro ku mikoreshereze y'amafaranga ya Leta.

Abayobozi bakuru bose bashinzwe gucunga imari ya Leta babazwa ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta igamije kongera imicungire nyayo n'ikoreshwa ry'amafaranga ya Leta.

Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta akora ku buryo raporo z'igenzura z'umwaka zitangazwa.

**<u>Ingingo ya 70</u>: Igenzura bwite ry'imari ya Leta**

Umugenzuzi Bwite Mukuru wa Guverinoma ashinzwe gushyiraho ibipimo ngenderwaho by'igenzura bwite n'imicungire byateza ingorane, gukurikirana no guhuza ibikorwa by'abagenzuzi bwite mu nzego za Leta.

Institutions and public officials to which a copy of the annual report of the Auditor General of State Finances is addressed shall implement its recommendations by taking appropriate measures as regards irregularities and other shortcomings which were disclosed.

Each Chief Budget Manager or any public officer of a public entity may be required by the Parliament, Chamber of Deputies, to provide explanations of use of public funds.

The Chief Budget Managers shall be responsible for implementing the recommendations of the Auditor General of State Finances aimed at improving the effective management and use of public funds.

The Auditor General of State Finances shall ensure that the annual audit reports are published.

**<u>Article 70</u>: Internal audit function**

The Government Chief Internal Auditor shall be responsible for providing indicators for internal audit and risk management and monitor and coordinate services of internal auditors in public entities.

Les institutions et autorités destinataires de la copie du rapport annuel de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat sont tenues d'y donner suite en prenant les mesures qui s'imposent en ce qui concerne les irrégularités et manquements constatés.

La Chambre des Députés du Parlement peut demander à chaque Gestionnaire Principal du budget ou à tout fonctionnaire public d'une entité publique de donner des explications sur l'utilisation des fonds publics.

Les Gestionnaires Principaux du budget sont responsables de l'exécution des recommandations de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat visant à améliorer la gestion et l'utilisation efficaces des fonds publics.

L'Auditeur Général des Finances de l'Etat veille à ce que les rapports d'audit annuels soient publiés.

**<u>Article 70:</u> Fonction d'audit interne**

L'Auditeur Interne Principal du Gouvernement est responsable de la mise en place des indicateurs d'audit interne et de gestion des risques et fait le suivi et coordonne les activités des auditeurs internes des entités

publiques.

Inshingano ze zihariye ziteganywa n'amabwiriza ya Minisitiri.

**UMUTWE WA VII: KUTUBAHIRIZA AMATEGEKO N'IBIHANO**

**Ingingo ya 71: Ingaruka zo kutubahiriza amategeko agenga imicungire y'imari ya Leta**

Kudakurikiza iri tegeko ngenga n'andi mategeko yerekeye imicungire y'imari ya Leta bihanwa n'itegeko.

**Ingingo ya 72: Ibirebwa no kutubahiriza amategeko**

Umukozi wa Leta afatwa nk'utubahiriza ibisabwa n'iri tegeko ngenga n'andi mategeko yerekeye imari ya Leta iyo:

1º adategura kandi ntatange raporo;

2º atubahiriza igihe cyagenwe;

3º ananiwe gutanga amakuru yasabwe na Minisiteri;

The Minister's instructions shall determine specific responsibilities of the Government Chief Internal Auditor.

**CHAPTER VII: NON COMPLIANCE WITH THE LAWS AND SANCTIONS**

**Article 71: Effect of non compliance with laws governing public finance management**

Non compliance with provisions of this Organic Law and other legal instruments relating to management of public finance shall be subject to sanctions provided for by law.

**Article 72: Scope of non compliance with the laws**

A public officer shall fail to comply with the requirements of this Organic Law and other legal instruments on public finance if he/she:

1º does not prepare and submit reports;

2º does not respect the timelines specified;

3º fails to provide the information requested by the Ministry;

Les responsabilités particulières de l'Auditeur Interne Principal du Gouvernement sont déterminées par les instructions du Ministre.

**CHAPITRE VII: NON RESPECT DES LOIS ET SANCTIONS**

**Article 71: Effet du non respect des lois régissant la gestion des finances publiques**

Le non respect des dispositions de la présente loi organique et d'autres instruments légaux relatifs à la gestion des finances publiques est passible de sanctions prévues par la loi.

**Article 72: Champ d'application du non respect des lois**

Un agent de l'Etat ne est présumé ne respectant pas les exigences de la présente loi organique et d'autres instruments légaux sur les finances publiques s'il:

1º ne prépare et ne transmet pas des rapports;

2º ne respecte pas les délais prévus;

3º ne parvient pas à fournir les informations demandées par le

4º abuza ishyirwa mu bikorwa ry'iri tegeko ngenga;

5º arenga ku biteganyijwe n'iri tegeko ngenga bituma haba igihombo cy'amafaranga ya Leta cyangwa hadatangwa serivisi.

**Ingingo ya 73: Ibihano bijyana no kutubahiriza amategeko**

Bitewe n'imimerere n'uburemere bw'icyakozwe mu kutubahiriza iri tegeko ngenga cyangwa andi mategeko yerekeye imari ya Leta, hafatwa ibihano bikurikira:

1º ibihano bihabwa umukozi bitanzwe n'urwego rubifitiye ububasha hakurikijwe itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta;

2º ibihano bihabwa urwego: guhagarika kohereza amafaranga y'urwego rwa Leta cyangwa guhagarika konti bikozwe na Minisitiri;

3º ibihano bihabwa umukozi hakurikijwe Igitabo cy'amategeko ahana.

4º obstructs the implementation of the provisions of this Organic Law;

5º violates the provisions of this Organic Law leading to loss of public funds or compromises service delivery.

**Article 73: Sanctions for non compliance with the laws**

Depending on the nature and magnitude of non compliance with this Organic Law and other legal provisions relating to public finance, the following sanctions shall be applicable:

1º administrative sanctions imposed on a public officer by a competent authority in accordance with the Statute for Public Service;

2º sanctions against an entity: withholding of treasury transfers of the entity and/or freezing of the entity bank accounts by the Minister;

3. penalties against a public officer in accordance with the Penal Code.

Ministère;

4º fait obstruction à l'application des dispositions de la présente loi organique;

5º viole les dispositions de la présente loi organique pouvant donner lieu à la perte de fonds publics ou à l'entrave de prestation de services.

**Article 73: Sanctions pour non respect des lois**

Selon la nature et l'ampleur du non-respect de la présente loi organique et d'autres instruments légaux relatifs aux finances publiques, les sanctions suivantes sont applicables :

1. les sanctions administratives prises à l'encontre d'un agent de l'Etat par l'autorité compétente conformément au statut général de la fonction publique;
2. les sanctions contre une entité : la suspension de transferts de fonds de l'entité et/ou suspension des comptes bancaires de l'entité par le Ministre ;
3. les peines contre un agent de l'Etat conformément aux dispositions du Code pénal.

**UMUTWE WA VIII: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 74: Imicungire y'imari ya Leta mu bigo bya Leta**

Ibigo bya Leta byubahiriza ibivugwa muri iri tegeko ngenga. Itegeko ryihariye rishyiraho ibikurikizwa mu micungire y'imari n'umutungo mu bigo bya Leta.

**Ingingo ya 75: Ibikurikizwa mu gutanga umutungo wa Leta**

Ingingo zerekeye umutungo wa Leta wimukanwa n'utimukamwa harimo kugura, gutanga impano n'irage, gucunga, kugurisha no gukurikirana bitavuzwe muri iri tegeko ngenga bigenwa n'amategeko yihariye.

**Ingingo ya 76: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko ngenga**

Iri tegeko ngenga ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 77: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko ngenga**

Itegeko Ngenga nº37/2006 ryo kuwa 12/09/2006 ryerekeye imari n'umutungo bya Leta nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza

**CHAPTER VIII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 74: Public finance management in public institutions**

Public institutions shall comply with the provisions of this Organic Law. A specific law shall prescribe the procedures of management of finance and property in public institutions.

**Article 75: Procedure for disposal of public property**

Provisions concerning the State movable and immovable property including purchasing, donations and bequests, managing, selling and monitoring not included in this Organic Law shall be provided for by special laws.

**Article 76: Drafting, consideration and adoption of this Organic Law**

This Organic Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article 77: Repealing provision**

The Organic Law nº 37/2006 of 12/09/2006 on State Finances and Property as amended and complemented to date and all prior legal

**CHAPITRE VIII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 74: Gestion des finances publiques dans les établissements publics**

Les établissements publics se conforment aux dispositions de la présente loi organique. Une loi spécifique détermine les procédures de gestion des finances et patrimoine dans les établissements publics.

**Article 75: Procédure d'aliénation des biens publics**

Les dispositions concernant les biens meubles et immeubles de l'Etat, y compris les achats, dons et legs, la gestion, la vente et le contrôle ne figurant pas dans la présente loi organique font l'objet des lois spéciales.

**Article 76: Initiation, examen et adoption de la présente loi organique**

La présente loi organique a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**Article 77: Disposition abrogatoire**

La Loi Organique nº 37/2006 du 12/09/2006 relative aux finances et au patrimoine de l'Etat telle que modifiée et complétée à ce jour et

ubu n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

provisions contrary to this Organic Law are hereby repealed.

toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi organique sont abrogées.

**<u>Ingingo ya 78</u>: Igihe itegeko ngenga ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **12/09/2013**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**<u>Article 78:</u> Commencement**

This Organic Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **12/09/2013**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/ Attorney General

**<u>Article 78:</u> Entrée en vigueur**

La présente loi organique entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **12/09/2013**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux